a. conclut ou propose de conclure un accord avec toute personne ou l'incite à conclure un accord en vue de l'achat ou de la vente des produits de base et contrats connexes conformément aux contrats applicables;

b. sollicite ou accepte une offre de transaction liée à un contrat de produits de base;

24° **inspecteur d'entrepôt:** personne habilitée à inspecter les entrepôts et les produits de base qui y sont stockés pour s'assurer que l'exploitant de l'entrepôt se conforme aux règlements et aux conditions de sa licence d'exploitation;

25° **intermédiaire en négociation des produits de base et contrats connexes:**

a. négociant en produits de base et contrats connexes;

b. conseiller en négociation des produits de base et contrats connexes ;

c. représentant d'un négociant en produits de base et contrats connexes ou un conseiller en négociation des

cyangwa umujyanama mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

d. undi muntu ugenwa n'Ikigo kugira ngo abe umuhuza mu by'amasoko y'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

26° **umujyanama mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho:** umuntu, mu rwego rw'ubucuruzi bukurikije amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze:

a. ugira abandi inama mu bijyanye n'igihe amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze ashobora gukorerwa cyangwa amategeko cyangwa amabwiriza bigomba kuba biyakubiyemo;

b. utanga ibisobanuro cyangwa raporo mu rwego rwo gufasha abo ziba zigenewe gufata ibyemezo ku bijyanye n'igihe amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze yakorerwa cyangwa amategeko n'amabwiriza bigomba kuba biyakubiyemo;

commodity exchange and related contract trading adviser;

d. any other person who is commissioned by the Authority to be a commodity and related contracts market intermediary;

26° **commodity exchange and related contracts trading adviser:** a person who, by way of business in respect of trading in commodity contracts:

a. gives advice on the time at which or the terms or conditions of which, commodity contracts are to be entered into;

b. issues explanations or reports, for the purposes of facilitating the recipients thereof to make decisions on the time at which, or the terms or conditions on which, commodity contracts are to be entered into;

produits de base et contrats connexes;

d. toute autre personne mandatée par l'Autorité pour servir d'intermédiaire de marché des produits de base et contrats connexes;

26° **conseiller en négociation des produits de base et contrats connexes:** personne qui, au moyen des activités relatives à la négociation des contrats de produits de base:

a. donne des conseils quant au moment propice de conclure des contrats de produits de base ou aux modalités ou conditions devant figurer dans ces derniers;

b. fournit des éclaircissements ou des rapports pour aider leurs destinataires de décider du moment propice et des modalités ou conditions de conclusion des contrats de produits de base;

27° **umuntu wahawe icyemezo:** umuntu wahawe icyemezo hakurikijwe iri tegeko;

28° **umunyamigabane myinshi:** umuntu ufite imigabane myinshi, mu rwego rw'isosiyete ifite agaciro kangana cyangwa kari hejuru ya makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) k'imari shingiro y'isosiyete cyangwa ituma uwo muntu agira ubushobozi bwo kugira uruhare cyangwa gukoresha makumyabiri na gatanu ku ijana (25%) cyangwa birenga by'ububasha bwo gutora mu nama rusange y'iyo sosiyete;

29° **umunyamuryango:** umuntu ufite ubunyamuryango mu cyiciro runaka cyangwa ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, yaba afite cyangwa adafite imigabane ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

30° **umuyobozi:** umuntu uri mu mwanya w'ubuyobozi uko yaba yitwa kose;

31° **uwemewe:** umuntu wemerewe gukorana n'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibyanze n'amasezerano abikomokaho ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa

27° **licensed person:** a person licensed under this Law;

28° **substantial shareholder:** in relation to a company, a person who has shares in the company, the nominal value of which is equal to or more than twenty five per cent (25%) of the issued share capital of the company or which entitles the person to exercise or control the exercise of more than twenty five per cent (25%) or more of the voting power at the company's general meeting;

29° **member:** a person who holds membership of any class or description of a commodity exchange and related contracts, whether or not he/she holds any shares in the share capital of the commodity exchange and related contracts;

30° **director:** any person occupying a managerial position by whatever title called;

31° **accredited:** a person accredited to deal with the commodity exchange and related contracts market intermediary on the commodity exchange and related contracts or with commodity exchange and related contract trading adviser in

27° **personne agréée:** personne agréée conformément à la présente loi;

28° **actionnaire majoritaire:** personne qui, dans le cadre d'une société, détient dans cette société des actions dont la valeur nominale est égale ou supérieure à vingt-cinq pour cent (25%) du capital social émis ou lui permettant d'exercer ou de contrôler l'exercice de vingt-cinq pour cent (25%) ou plus des droits de vote lors de l'assemblée générale de la société;

29° **membre:** personne qui est membre d'une catégorie ou d'une description quelconque d'une bourse des produits de base et contrats connexes, qu'elle détienne ou non des actions dans le capital de cette bourse des produits de base et contrats connexes;

30° **directeu**r: personne qui occupe un poste de direction quelle qu'en soit la dénomination;

31° **accrédité:** personne agréée pour traiter avec l'intermédiaire en négociation des produits de base et contrats connexes ou avec le conseiller en négociation des produits de base et contrats connexes en

umujyanama mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uwikorera nk'uko bivugwa muri iri tegeko;

32° **uwikorera afite umuhagarariye:** umuntu ukoresha uhagarariye mu buryo butaziguye, amukorera ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho hakurikijwe amasezerano bagiranye.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ibirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze, amasezerano abikomokaho, abakorera ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho n'ibindi bijyanye nabyo.

**<u>UMUTWE WA II:</u> ICYEMEZO CYO GUKORA KU ISOKO RY'IBICURUZWA BY'IBANZE N'AMASEZERANO ABIKOMOKAHO N'IGENZURAMIKORERE**

**<u>Ingingo ya 4:</u> Urwego rutanga icyemezo cyo gukora ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Ikigo ni rwo rwego rutanga icyemezo cyo gukora ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze

the capacity of principal as stated in this Law;

32° **principal:** a person on whose behalf the representative directly engage in commodity and related contracts trading under the contract between both parties.

**<u>Article 3</u>: Scope of this Law**

This Law regulates commodity trading, related contracts, commodity exchange and related contracts market operators and other matters related thereto.

**<u>CHAPTER II:</u> LICENSE TO OPERATE AS A COMMODITY EXCHANGE AND RELATED CONTRACTS AND REGULATION**

**<u>Article 4</u>: Organ issuing license to operate as a commodity exchange and related contracts**

The Authority has the power to issue license to operate as a commodity exchange and related

tant que principal comme le stipule la présente loi;

32° **principal:** personne pour le compte de laquelle un représentant agit directement dans la négociation des produits de base et contrats connexes en vertu du contrat entre les deux parties.

**<u>Article 3</u>: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi porte réglementation de la négociation des produits de base, contrats connexes, des opérateurs de la bourse des produits de base et contrats connexes et d'autres questions y afférentes.

**<u>CHAPITRE II:</u> LICENCE D'OPERER COMME BOURSE DES PRODUITS DE BASE ET CONTRATS CONNEXES ET REGLEMENTATION**

**<u>Article 4:</u> Organe délivrant une licence d'opérer comme bourse des produits de base et contrats connexes**

L'Autorité est habilitée à délivrer une licence d'opérer comme bourse des produits de base et

n'amasezerano abikomokaho no kugenzura iryo soko.

**Ingingo ya 5: Intego z'Ikigo mu rwego rw'igenzuramikorere**

Intego z'Ikigo mu rwego rw'igenzuramikorere ni izi zikurikira:

1° guharanira no guteza imbere kutabogama, gukora neza, gupiganwa, gukorera mu mucyo no mu mutuzo ku masoko y'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;
2° guteza imbere amasoko y'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

**Ingingo ya 6: Kwemeza ko umuntu afite ubushobozi kandi yujuje ibisabwa**

Kwemeza ko umuntu afite ubushobozi kandi yujuje ibisabwa bigenwa n'amabwiriza y'Ikigo.

**UMUTWE WA III: ISOKO RY'IBICURUZWA BY'IBANZE N'AMASEZERANO ABIKOMOKAHO**

**Ingingo ya 7: Itangwa ry'icyemezo cyo gukora nk'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Isosiyete ishobora gusaba Ikigo kwemererwa gukora nk'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze

contracts and exercises regulatory power with respect thereto.

**Article 5: Regulatory objectives of the Authority**

The regulatory objectives of the Authority are as follows:

1° to maintain and promote the fairness, efficiency, competitiveness, transparency and orderliness of commodity exchanges and related contracts;
2° to promote commodity exchanges and related contracts.

**Article 6: Approval of the capacity and criteria of a person**

To approve whether a person has the capacity and required criteria determined by the regulations of the Authority.

**CHAPTER III: COMMODITY EXCHANGE AND RELATED CONTRACTS**

**Article 7: Granting of license to operate as a commodity exchange and related contracts**

A company may apply to the Authority for license to operate as a commodity exchange and related contracts as prescribed by law.

contrats connexes et exerce des pouvoirs règlementaires en la matière.

**Article 5: Objectifs réglementaires de l'Autorité**

Les objectifs réglementaires de l' l'Autorité sont les suivants:

1° maintenir et promouvoir l'équité, l'efficacité, la compétitivité, la transparence et l'ordre à la bourse des produits de base et contrats connexes;
2° promouvoir les bourses des produits de base et contrats connexes.

**Article 6: Approbation de la capacité d'une personne et les critères**

Approuver qu'une personne est capable et qu'elle remplisse les critères déterminés par les règlements de l'Autorité.

**CHAPITRE III: BOURSE DES PRODUITS DE BASE ET CONTRATS CONNEXES**

**Article 7: Octroi d'une licence d'opérer comme bourse des produits de base et contrats connexes**

Une société peut demander auprès de l'Autorité, une licence d'opérer comme bourse des produits

n'amasezerano abikomokaho nk'uko bigenwa n'amategeko.

Inyandiko isaba icyemezo cyo gukora nk'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho iherekezwa n'amafaranga yagenwe n'Ikigo.

Ikigo gishobora gusaba usaba icyemezo cyo gukora nk'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kugiha andi makuru yose gisanga ari ngombwa yerekeye inyandiko isaba, ayo makuru agatangwa mu buryo cyangwa akagenzurwa hakurikijwe amabwiriza atangwa n'Ikigo.

Ibisabwa mu gusaba icyemezo cyo gukora nk'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho bigenwa n'amabwiriza atangwa n'Ikigo.

Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, icyemezo cyo gukora nk'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gitangwa mu gihe gihoraho ariko buri mwaka isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho rikajya ryishyura amafaranga y'icyo cyemezo bitarenze itariki cyatangiweho.

**<u>Ingingo ya 8:</u> Inshingano z'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Inshingano z'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ni izi zikurikira:

The application for licence to operate as a commodity exchange and related contracts is accompanied by payment of the fee prescribed by the Authority.

The Authority may require an applicant for licence to operate as a commodity exchange and related contracts to provide it with such further information as it considers necessary in relation to the application, such information is provided or verified in accordance with Authority's regulations.

Requirements to apply for a license to operate as a commodity exchange and related contracts are set out in the regulations laid down by the Authority.

Subject to the provisions of this Law, a license to operate as a commodity exchange and related contracts is granted for a continuous period provided that the commodity exchange and related contracts pays the prescribed annual license fee not later than the anniversary of the date of the granting of its license.

**<u>Article 8:</u> Responsibilities of the commodity exchange and related contracts**

The responsibilities of the commodity exchange and related contracts are the following:

de base et contrats connexes comme prévu par la loi.

La demande d'une licence d'opérer comme bourse des produits de base et contrats connexes est accompagnée du paiement des droits prescrits par l'Autorité.

L'Autorité peut exiger au demandeur d'une licence d'opérer comme bourse des produits de base et contrats connexes de lui fournir des informations supplémentaires qu'elle estime nécessaires en rapport avec ladite demande, ces informations sont fournies ou vérifiées conformément aux règlements de l'Autorité.

Les conditions requises pour demander une licence d'opérer comme bourse des produits de base et contrats connexes sont déterminées par les règlements émis par l'Autorité.

Sous réserve des dispositions de la présente loi, une licence d'opérer comme bourse des produits de base et contrats connexes est octroyée pour une durée indéterminée à condition que la bourse des produits de base et contrats connexes paie les droits annuels prescrits dans les délais n'excédant pas la date d'anniversaire de l'octroi de sa licence.

**<u>Article 8:</u> Attributions de la bourse des produits de base et contrats connexes**

Les attributions de la bourse des produits de base et contrats connexes sont les suivantes:

1° kwishyiriraho amabwiriza arigenga, kwemeza abanyamuryango, gufatira ibihano abanyamuryango hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, amabwiriza yaryo, no ku bubasha Ikigo gifite;

2° gushyiraho isoko ry'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze akorerwa ku isoko ry'ibicuruzwa riboneye, rifite amakuru ahagije, ritabogama kandi rikorera mu mucyo;

3° gukemura mu bushishozi, ibibazo byose bijyana n'ubucuruzi n'ibikorwa byaryo;

4° gukora ubucuruzi bw'isoko hakurikijwe amabwiriza yaryo n'amabwiriza ashyirwaho n'Ikigo;

5° kugenzura ibikorwa by'isoko, imikorere n'imyifatire mu by'ubucuruzi by'abarigize, abakozi babo n'ababahagarariye hakurikijwe amabwiriza, politiki, uburyo bukurikizwa n'imikorere y'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

6° kubika inyandiko za ngombwa kugira ngo buri gikorwa gikorewe ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze

1° to make its rules of procedure, proceed to admission of its members, sanction its members under the provisions of this Law, its rules of procedure, and in the powers of the Authority;

2° to put in place an orderly, informed, fair and transparent market in commodity contracts trading market;

3° to wisely manage all the risks associated with its business and operations;

4° to run its business in accordance with both its own rules and those established by the Authority;

5° to inspect its operations, performance and conduct of its members, their employees and representatives in accordance with the rules, policies, procedures and practices of the commodity exchange and related contracts;

6° to keep necessary records for the proper recording of each transaction on the commodity exchange and related contracts;

1° arrêter son règlement d'ordre intérieur, procéder à l'admission de ses membres, sanctionner ses membres conformément aux dispositions de la présente loi, à son règlement d'ordre intérieur et aux pouvoirs de l'Autorité;

2° mettre en place un marché de négociation des contrats de produits de base ordonné, informé, équitable et transparent;

3° gérer judicieusement les risques liés à ses activités et à ses opérations ;

4° effectuer ses activités conformément à ses propres règlements et aux règlements fixés par l'Autorité;

5° faire l'inspection de ses opérations, de la performance et de la conduite de ses membres ainsi que de leurs employés et représentants conformément aux règles, aux politiques, aux procédures et aux pratiques de la bourse des produits de base et contrats connexes;

6° tenir les registres nécessaires pour la bonne comptabilisation de chaque transaction à la bourse des produits de base et contrats connexes;

n'amasezerano abikomokaho kigire amakuru abitswe neza;

7° kubika ibanga ry'amakuru yose yerekeye abarigize n'abakiriya babo, keretse amakuru ashobora gushyirwa ahagaragara n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho iyo ribisabwe mu nyandiko n'Ikigo cyangwa isosiyete ishinzwe isuzuma n'iyishyurana, cyangwa se iyo bitegetswe n'Urukiko;

8° gutangaza amabwiriza rigenderaho, amafaranga ryishyurwa n'ayo barigomba;

9° kugaragaza no gukemura ikibazo cy'igongana ry'inyungu;

10° gushyiraho uburyo bwo gukemura impaka hagati y'abarigize no hagati y'abarigize n'abakiriya babo;

11° kureba ko ububiko bw'ibicuruzwa n'abacunga ububiko bw'ibicuruzwa bafite ibyemezo ari bo bonyine bakoreshwa mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

12° gufasha abantu kubona uburyo buhamye bw'isuzuma n'iyishyurana;

7° to preserve confidentiality with regard to all information in its possession concerning its members and their customers, except that such information may be disclosed by the commodity exchange and related contracts when required in writing to do so by the Authority or clearing house, or if it is ordered by the Court;

8° to publish its rules of procedure, fees due and charges receivable;

9° to identify and manage any conflict of interests;

10° to provide a channel for the resolution of disputes between members themselves and between members and their customers;

11° to ensure that only licensed warehouses and warehouse operators are used in connection with commodity and related contracts trading;

12° to provide access to a robust mechanism for clearing and settlement;

7° préserver la confidentialité de toutes les informations à sa possession concernant ses membres et leurs clients, à la seule condition que ces informations puissent être révélées par la bourse des produits de base et contrats connexes, à la demande écrite de l'Autorité ou d'une chambre de compensation ou par décision du juge;

8° publier son règlement d'ordre intérieur, ses honoraires dus et redevances à recevoir;

9° identifier et résoudre tout conflit d'intérêts;

10° fournir un mécanisme de résolution des différends entre les membres eux-mêmes et entre les membres et leurs clients;

11° s'assurer que seuls les entrepôts et les exploitants d'entrepôts agréés sont utilisés dans la négociation des produits de base et contrats connexes ;

12° faciliter l'accès à un mécanisme plus efficace de compensation et de règlement ;

13° kumenyesha Ikigo iyo haramutse hamenyekanye ko hari:

a. amabwiriza agenga isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa amabwiriza agenga imari;

b. kutubahiriza amabwiriza arebana n'imari cyangwa ikindi kibazo isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho risanga gishobora kwerekana ko umurongo ngenderwaho mu by'imari cyangwa ubunyangamugayo bw'umwe mu barigize bukemangwa, cyangwa ko umwe mu barigize ashobora kutubahiriza ibyo asabwa;

14° gutanga no gucunga neza inyubako zifite ibikoresho bikwiye kandi bihagije n'abakozi bafite ubushobozi kugira ngo imirimo yaryo ikorwe neza.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Iby'ingenzi mu mabwiriza y'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Amabwiriza y'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agomba kuba akubiyemo uko byifuzwa n'Ikigo, ibyerekeranye na:

13° to notify the Authority if it becomes aware:

a. of any rule of the commodity exchange and related contracts or of any financial resources rules;

b. of a financial irregularity or other matter which in the opinion of the commodity exchange and related contracts may indicate that the financial standing or integrity of a member is in question, or that a member may not be able to meet his/her legal obligations;

14° avail and ensure proper management of adequate and properly equipped premises and competent personnel for the smooth conduct of its business.

**<u>Article 9</u>: Major provisions of the rules of the commodity exchange and related contracts**

The rules of the commodity exchange and related contracts must, to the satisfaction of the Authority, make provisions in relation to the following:

13° notifier l'Autorité en cas de constat de ce qui suit:

a. une règle quelconque de la bourse des produits de base et contrats connexes ou à une règle quelconque relative aux ressources financières;

b. une irrégularité financière ou toute autre question qui, de l'avis de la bourse des produits de base et contrats connexes, peut indiquer que la situation financière ou l'intégrité d'un membre sont mises en cause, ou qu'un membre pourrait ne pas être en mesure de remplir ses obligations légales;

14° assurer la mise à disposition et la bonne gestion des locaux adéquats et convenablement équipés et d'un personnel compétent pour l'exercice efficace de ses activités.

**<u>Article 9:</u> Principales dispositions des règles de la bourse des produits de base et contrats connexes**

Les règles de la bourse des produits de base et contrats connexes doivent, à la satisfaction de l'Autorité, prévoir les dispositions en rapport avec ce qui suit:

1° ishyirwaho, ububasha n'inshingano y'urwego rushinzwe isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

2° ishyirwaho ry'abayobozi bakuru n'ihagararirwa rikwiye ry'abatari abanyamuryango n'abashoramari muri urwo rwego ;

3° ibisabwa kuzuzwa kugira ngo umuntu abe umunyamuryango;

4° kuvanwa mu banyamuryango kw'abantu barangwa n'imyifatire idakwiye n'ubunyangamugayo budahagije mu mikorere yabo;

5° kwirukanwa, guhagarikwa cyangwa gufatirwa ibihano mu rwego rw'imyitwarire kw'abanyamuryango bagaragaje imyitwarire itajyanye n'amahame y'ubutabera no kutabogama mu bijyanye n'amasezerano y'ibicuruzwa, cyangwa kubera kutubahiriza amategeko agenga isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

6° ibisabwa bigomba gukurikizwa mu gutegura amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze;

1° creation, powers and functions of the governing body of the commodity exchange and related contracts;

2° appointment of directors and the proper representation of non-members and investors on that governing body;

3° qualifications for membership;

4° exclusion from membership of persons who are not of good character and high business integrity;

5° expulsion, suspension or disciplining of members for conduct inconsistent with just and equitable principles in connection with commodity contracts trading, or for a contravention of the rules of the commodity exchange and related contracts;

6° terms and conditions under which commodity contracts are made;

1° la création, les pouvoirs et fonctions de l'organe directeur de la bourse des produits de base et contrats connexes;

2° la nomination des administrateurs et représentation convenable des non-membres et des investisseurs dans cet organe directeur;

3° les conditions requises pour être membre;

4° l'exclusion des personnes n'ayant pas de bonne moralité et d'intégrité professionnelle élevée ;

5° l'expulsion, la suspension ou les mesures disciplinaires à l'endroit des membres pour conduite incompatible avec les principes d'équité liés à la négociation des produits de base ou pour violation des règles de la bourse des produits de base et contrats connexes;

6° les modalités et conditions selon lesquelles les contrats de produits de base sont conclus;

7° icyiciro cyangwa ibyiciro by'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze ashobora gukorwa n'abanyamuryango n'ibyo bagomba gukurikiza no kuzuza mu gukora amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze;

8° ibikorwa by'ubucuruzi bigenzurwa neza kandi nta kubogama;

9° ingamba zigamije gukumira ibikorwa by'uburiganya, guha amasoko abatujuje ibisabwa, amasoko y'amahimbano no kuzamura agaciro bikabije ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu rwego rwo gukumira gukoresha bikabije imyenda mu kubona amafaranga yo gutangiza no gukomeza kugura amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze;

10° kubuza abahabwa amasoko, abakozi babo n'ababahagariye, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, gukoresha amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze mu nyungu zabo bwite, abo bafite icyo bahuriyeho, keretse hakurikijwe amabwiriza agenga isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

11° kwandika no gutangaza ibikubiye mu bucuruzi;

7° class or classes of commodity contracts that may be traded by members and the terms and conditions governing commodity contracts trading;

8° fair and properly supervised trading practices;

9° measures to prevent manipulation, market rigging, artificial markets and excessive speculation in its commodity exchange and related contracts, for preventing the excessive use of credit by way of initial or maintenance of margin in respect of the purchase of commodity contracts;

10° prohibition of dealers, their employees and representatives from trading, either directly or indirectly, for their own account or account of associated persons, except in accordance with the rules of the commodity exchange and related contracts;

11° recording and publishing of details of trading;

7° la catégorie ou les catégories des marchés de produits de base qui peuvent être négociés par les membres ainsi que les modalités et conditions applicables à la négociation des contrats de produits de base;

8° les pratiques de négociation équitables et suffisamment contrôlées;

9° les mesures visant à prévenir la manipulation, l'agiotage, la création de marchés artificiels et la spéculation excessive sur le marché des produits de base et contrats connexes, pour empêcher l'utilisation excessive du crédit au moyen de la marge initiale ou du maintien de la marge dans le cadre de l'achat des contrats de produits de base;

10° l'interdiction aux négociants, à leurs employés et représentants de négocier, directement ou indirectement, pour leur propre compte ou pour le compte des personnes liées, sauf en conformité avec les règles de la bourse des produits de base et contrats connexes;

11° la comptabilisation et publication des données relatives à la négociation;

12° isuzuma n'ibindi byumvikanwaho, n'ibisabwa mu bijyanye n'imari by' isoko ry'ibicuruzwa ry'ibanze n'amasezerano abikomokaho, ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho n'abagize isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, kugira ngo hatangwe icyizere ko inshingano zose zijyana n'icuruzwa ry'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze byubahirizwa ;

13° ingamba zo ku rwego rw'isoko mu rwego rwo gukemura neza ibibazo by'abashoramari no kugira ngo hihutirwe gufata ingamba zo gukemura ibyo bibazo;

14° inyandiko nyemezabubiko zitangwa n'abacunga ububiko babifitiye icyemezo, izo nyemezabubiko zikaba zishobora gucuruzwa nk'uko amategeko abiteganya;

15° guhagarika imirimo y'umunyamuryango usa n'uwananiwe cyangwa ugiye kunanirwa kuzuza inshingano ze mu bijyanye n'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze amwe cyangwa menshi no kumutegeka kwishyura amasezerano yose y'ibicuruzwa by'ibanze atarishyura yari afitemo uruhare;

12° clearing and other arrangements made, and the financial condition of the commodity exchange and related contracts, the clearing house of the commodity exchange and related contracts and members of the commodity exchange and related contracts, such as to provide reasonable assurance that all obligations arising out of the commodity contracts trading will be met;

13° measures for proper handling of complaints from investors and to ensure that any appropriate remedial action on those complaints is promptly taken;

14° warehouse receipts issued by licensed warehouse operators, and those receipts may constitute negotiable instruments in accordance with laws;

15° where a member who appears to be unable, or likely to become unable to meet his/her obligations in respect of one or more commodity contracts, provide binding conditions for him/ her to close out his/her position in relation to all unsettled commodity contracts to which he/ she is a party and settlement terms thereof;

12° la compensation et autres arrangements conclus, et situation financière de la bourse des produits de base et contrats connexes, de la chambre de compensation de la bourse des produits de base et contrats connexes et des membres de la bourse des produits de base et contrats connexes pour fournir l'assurance raisonnable du respect de toutes les obligations découlant de la négociation des contrats de produits de base ;

13° les mesures de traitement adéquat des plaintes émanant des investisseurs et s'assurer que toute mesure corrective appropriée à ces plaintes est rapidement prise;

14° les récépissés d'entrepôt délivrés par les exploitants d'entrepôts agréés, et ces lesquels récépissés peuvent devenir des titres négociables conformément à la législation;

15° obliger un membre à cesser ses activités et à liquider sa position par rapport à tous les contrats de produits de base non réglés auxquels il est partie lorsque ce membre semble être incapable ou susceptible d'être incapable de respecter ses obligations découlant d'un ou de plusieurs contrats de produits de base;

16° imirimo rusange ijyanye n'ubucuruzi bwo ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu rwego rwo kurinda abashoramari no kurengera inyungu zabo;

17° gushyiraho ibindi Ikigo cyabona ari ngombwa.

Amabwiriza agenga isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agomba kubahirizwa n'abahagarariye abacuruzi bo ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho n'abakozi babo, kandi buri munyamuryango agomba kubahiriza ayo mabwiriza.

**Ingingo ya 10: Gushyiraho cyangwa guhindura amabwiriza y'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Ikigo gishobora, binyujijwe mu nyandiko ishyikirizwa isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, gusaba isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho:

1° gushyiraho amabwiriza yagaragajwe muri iyo nyandiko mu gihe cyagenwe;

2° guhindura amabwiriza yamenyeshejwe muri iyo nyandiko mu buryo no mu gihe byagenwe muri iyo nyandiko.

16° general commodity and related contract trading operations in order to protect investors and their interests;

17° statement of any other provision that the Authority may consider necessary.

The rules of a commodity exchange and related contracts must be applied to the representatives and other employees of commodity exchange and related contracts dealers and each member is responsible for ensuring his/her compliance with such rules.

**Article 10: Making or amendment of the rules of a commodity exchange and related contracts**

The Authority may, by notice in writing served on a commodity exchange and related contracts, require it:

1° to make rules specified in the notice within the period specified;

2° to amend rules referred to in the notice in the manner and within the period specified in the notice.

16° les activités générales d'exercice de négociation des produits de base et contrats connexes en vue de la protection des investisseurs et de leurs intérêts ;

17° énoncer toute autre disposition que l'Autorité peut juger nécessaire.

Les règles d'une bourse des produits de base et contrats connexes doivent s'appliquer aux représentants et aux autres employés de négociants sur la bourse des produits de base et contrats connexes et chaque membre est tenu de garantir le respect de ces règles.

**Article 10: Etablissement ou modification des règles de la bourse des produits de base et contrats connexes**

L'Autorité peut, par avis écrit signifié à une bourse des produits de base et contrats connexes, lui demander de:

1° établir des règles édictées dans cet avis dans le délai précisé;

2° modifier les règles mentionnées dans l'avis dans la manière et délai qui y sont précisés.

Iyo Ikigo gisanze isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ritarubahirije ibisabwa muri iyo nyandiko mu gihe cyagenwe, gishobora kwishyiriraho cyangwa guhindura amabwiriza yavuzwe muri iyo nyandiko aho kugira ngo bikorwe n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Where the Authority notices that a commodity exchange and related contracts has not complied with such a requirement within the period specified in the notice, the Authority may make or amend the rules specified in the notice instead of the commodity exchange and related contracts.

Si l'Autorité constate qu'une bourse des produits de base et contrats connexes ne s'est pas conformée à cette exigence dans le délai précisé dans l'avis, elle peut établir ou modifier les règles précisées dans l'avis en place de la bourse des produits de base et contrats connexes.

**__Ingingo ya 11:__ Kwemeza amabwiriza y'isoko yashyizweho cyangwa yahinduwe**

**__Article 11:__ Approval of rules made or amended**

**__Article 11:__ Approbation de règles établies ou modifiées**

Amabwiriza ashyirwaho cyangwa ahindurwa n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho byaba bikozwe mu rwego rwo gusesa amasezerano, gusimbura, guhindura cyangwa kongera ingingo mu mabwiriza atangira gukurikizwa iyo Ikigo kimaze kuyemeza mu nyandiko.

Rules or amendment by a commodity exchange and related contracts whether by way of rescission, substitution, alteration or addition of an article to a rule, have effect upon written approval of the Authority.

La règle ou modification par une bourse des produits de base et contrats connexes, que ce soit par voie de résiliation, de substitution, d'altération ou d'addition d'un article à une règle prend effet après approbation écrite préalable de l'Autorité.

Isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho rishyikiriza Ikigo amabwiriza ashyizweho cyangwa ahinduwe kugira ngo kiyemeze, aherekejwe n'ibisobanuro birambuye byerekeye icyo iryo shyirwaho cyangwa ihindurwa rigamije n'ingaruka bishobora kugira, ndetse n'ingaruka zabyo ku bashoramari kugira ngo bifashe Ikigo kumenya niba ari ngombwa kuyemeza cyangwa kuyanga.

A commodity exchange and related contracts submits to the Authority for its approval the rules and every amendment thereto, together with explanatory note of their purpose and likely effect, including their effect on the investing public, in sufficient detail to enable the Authority to decide whether to approve them or refuse to approve them.

Une bourse des produits de base et contrats connexes soumet à l'Autorité pour approbation, les règles et toute modification y relative, avec une note explicative décrivant de manière suffisamment détaillée leur objet et leur effet probable y compris leur effet sur les investisseurs pour permettre à l'Autorité de décider de les approuver ou de les rejeter.

Kibinyujije mu nyandiko ishyikirizwa isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, Ikigo kimenyesha ko cyemeje cyangwa cyanze hamwe n'impamvu zatumye

By notice in writing served on the commodity exchange and related contracts, The Authority gives its approval or refuse to give its approval, together with its reasons for the refusal of the

Par avis écrit signifié à la bourse des produits de base et contrats connexes, l'Autorité donne son approbation ou refuse de donner son approbation avec ses motifs de refus des règles ou de la

kibyanga ayo mategeko yashyizweho cyangwa yahinduwe bitewe n'uko ibintu byifashe cyangwa zimwe mu ngingo zayo, ziba zikubiye muri iyo nyandiko imenyesha.

**Ingingo ya 12: Inshingano z'abanyamuryango mu kubahiriza amabwiriza y'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Abanyamuryango b'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho basabwa kubahiriza amabwiriza y'iryo soko.

**Ingingo ya 13: Gufasha Ikigo kubona amakuru ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho rigomba gufasha Ikigo igihe kibisabye kugira ngo gishobore kurangiza neza inshingano zacyo, rikabikora ritanga amakuru akubiyemo ayerekeye umusaruro waryo n'ibitabo bya ngombwa n'andi makuru yerekeye ibikorwa by'iryo soko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa mu bijyanye n'ubucuruzi bw'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze cyangwa andi makuru yose Ikigo gishobora gukenera kugira ngo iri tegeko ryubahirizwe.

rules or amendment of the rules, as the case may be, or any part thereof, the subject of the submission.

**Article 12: Members' duties to comply with the rules of the commodity exchange and related contracts**

Members of the commodity exchange and related contracts are required to comply with the rules of that commodity exchange.

**Article 13: Facilitation of the Authority's access to information about the commodity exchange and related contracts**

A commodity exchange and related contracts must provide an assistance to the Authority as the Authority may require for the performance of its functions, including the furnishing of returns and relevant books and other information relating to the business of the commodity exchange and related contracts or in respect of commodity contracts trading or any other specified information as the Authority may require for the proper enforcement of this Law.

modification des règles, selon le cas, ou d'une partie de ces règles, faisant l'objet de cet avis.

**Article 12: Devoirs des membres de se conformer aux règles de la bourse des produits de base et contrats connexes**

Les membres de la bourse des produits de base et contrats connexes sont tenus de se conformer aux règles de cette bourse.

**Article 13: Facilitation de l'accès de l'Autorité aux informations sur la bourse des produits de base et contrats connexes**

Une bourse des produits de base et contrats connexes est tenue d'apporter à l'Autorité une assistance que cette dernière peut exiger pour l'accomplissement de ses fonctions, cette assistance consiste notamment à fournir des résultats et des livres importantes et d'autres informations relatives aux activités de la bourse des produits de base et contrats connexes ou en rapport avec la négociation des contrats de produits de base ou toute autre information que l'Autorité peut exiger pour l'application effective de la présente loi.

**<u>Ingingo ya 14:</u> Isuzumwa ry'ibihano byo mu rwego rw'imyifatire bifatwa n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Iyo isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ritanze ibihano, riciye ihazabu, rigize uwo rihagarika by'agateganyo cyangwa rigafatira umwe mu banyamuryango baryo igihano cyo mu rwego rw'imyifatire hakurikijwe amabwiriza rigenderaho, rihita rimenyesha Ikigo mu nyandiko izina ry'uwo munyamuryango, impamvu n'igihano cyafashwe, amafaranga y'ihazabu yaciwe n'igihe cy'ihagarikwa ry'agateganyo.

Ikigo gishobora, kibyibwirije cyangwa kibisabwe n'umuntu wahawe igihano, gusuzuma igihano cyo mu rwego rw'imyifatire cyatanzwe n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kikaba gishobora kwemeza, guhindura cyangwa kuvanaho icyo cyemezo cy'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nyuma yo guha uwo munyamuryango n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho umwanya wo kwisobanura.

Ibiteganywa muri iyi ngingo ntibishobora kubuza Ikigo, igihe cyose isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho rinaniwe gufatira icyemezo umunyamuryango, kuvanaho cyangwa guhagarika by'agateganyo icyemezo cyo gukora nk'isoko ry'ibicuruzwa

**<u>Article 14:</u> Review of disciplinary actions taken by the commodity exchange and related contracts**

Where a commodity exchange and related contracts imposes sanctions, fines, suspends any person or otherwise takes disciplinary action against one of its members in accordance with its rules, it immediately informs the Authority in writing of the name of the member, the reason for and nature of the action taken, the amount of any fine and the period of any suspension.

The Authority may, on its own motion or on application by a penalised person, review any disciplinary action taken by a commodity exchange and related contracts and may affirm, modify or set aside the decision of the commodity exchange and related contracts after giving the member and the commodity exchange and related contracts an opportunity of being heard.

The provisions of this Article do not preclude the Authority, in any case where a commodity exchange and related contracts fails to act against a member, from revoking or suspending the license of, or otherwise disciplining, a member of the commodity exchange and related

**<u>Article 14:</u> Examen de mesures disciplinaires prises par la bourse des produits de base et contrats connexes**

Lorsque la bourse des produits de base et contrats connexes impose des sanctions, inflige des amendes, décide la suspension d'une personne ou prend une mesure disciplinaires contre l'un de ses membres conformément à ses règles, elle informe immédiatement l'Autorité par écrit du nom de ce membre, du motif et de la nature des mesures prises, du montant de l'amende ainsi que de la durée de la suspension.

L'Autorité peut, de sa propre initiative ou à la demande d'une personne sanctionnée, examiner toute mesure disciplinaire prise par la bourse des produits de base et contrats connexes et peut confirmer, modifier ou infirmer la décision de cette dernière après avoir accordé au membre ainsi qu'à la bourse des produits de base la possibilité d'être entendus.

Les dispositions du présent article n'empêchent pas l'Autorité, dans les cas où la bourse des produits de base et contrats connexes ne parvient pas à prendre des mesures contre un membre, de révoquer ou de suspendre la licence d'un membre de la bourse des produits de base et contrats

by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, cyangwa gufatira igihano cyo mu rwego rw'imyifatire umunyamuryango w'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, ariko mbere yo gufata icyo cyemezo Ikigo giha uwo munyamuryango n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho umwanya wo kwisobanura.

Icyemezo cyose gifashwe n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gifatwa bitabangamiye ububasha bw'Ikigo bwo gufata ikindi cyemezo hakurikijwe uko gisanga bikwiye mu birebana n'uwo munyamuryango cyangwa icyemezo cyo gukora afite.

**<u>Ingingo ya 15:</u> Gutanga imirongo ngenderwaho mu bucuruzi ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Iyo Ikigo gisanze ari ngombwa cyangwa bikenewe, gishobora gushyiraho imirongo ngenderwaho mu bucuruzi ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kibinyujije mu nyandiko, imenyesha rusange cyangwa yihariye mu rwego rwo:

1° guharanira ko isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho rikora neza kandi nta kubogama, cyangwa ko isuzuma n'iyishyurana rikorwa ku isoko ry'ibicuruzwa

contracts, but before that decision, the Authority gives the member and the commodity exchange an opportunity to be heard.

Any action taken by a commodity exchange and related contracts is without prejudice to the power of the Authority to take such further action as it sees fit with regard to the member or his/her license.

**<u>Article 15:</u> Provision of directions about commodity exchange and related contracts trading**

The Authority may, if it considers it necessary or expedient, issue directions to a commodity exchange and related contracts by notice in writing either of a general or specific nature, in order to:

1° ensure fair and orderly running of commodity exchange and related contracts, or ensure fair, orderly and expeditious clearing and settlement of

connexes ou de prendre une mesure disciplinaire contre ce membre. Toutefois, une telle décision n'intervient qu'après avoir donné au membre et à la bourse des produits de base la possibilité d'être entendus.

Toute mesure prise par une bourse de produits de base et contrats connexes s'applique sans préjudice du pouvoir de l'Autorité de prendre des mesures supplémentaires qu'elle juge nécessaires concernant le membre ou sa licence.

**<u>Article 15:</u> Donner des orientations relatives à la négociation sur la bourse des produits de base et contrats connexes**

L'Autorité peut, si elle le juge nécessaire ou opportun, donner des orientations à une bourse des produits de base et contrats connexes, par avis écrit, soit de portée générale, soit de portée spécifique pour :

1° garantir le fonctionnement équitable et ordonné de la bourse des produits de base ou garantir la compensation et le règlement équitable, ordonnés et rapides

by'ibanze n'amasezerano abikomokaho bikorwa neza, byihuse kandi bitabogamye;

2° gutuma isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho rirangwa n'umucyo n'ubunyangamugayo, gukemura no kwirinda ibibazo by'imikorere byateza igihombo abakorera ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Imirongo ngenderwaho itangwa n'Ikigo ishobora kuba yerekeranye n'ibintu bikurikira:

1° isuzuma cyangwa iyishyurwa ry'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze no guhindura inshingano zikomoka kuri ayo masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze ;

2° icuruzwa cyangwa iseswa ry'ubucuruzi binyujijwe mu nyubako z'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

3° uburyo isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho rikoramo imirimo yaryo, ndetse n'uburyo bwo gutanga raporo ku bikorwa by'ubucuruzi bikorwa n'abanyamuryango hanze y'isoko;

transactions on commodity exchange and related contracts;

2° ensure transparency and integrity in commodity exchange and related contracts, proper management and prevention of systemic risks on commodity exchange and related contracts.

The directions issued by the Authority may relate to:

1° the clearing or settlement of commodity contracts and the making of adjustments of contractual obligations arising out of such commodity contracts;

2° the trading or the termination of trading through the facilities of the commodity exchange and related contracts;

3° the manner in which the commodity exchange and related contracts carries on its business, and the manner of reporting off-market trades by members;

des transactions sur la bourse des produits de base et contrats connexes;

2° assurer la transparence et l'intégrité sur la bourse des produits de base et contrats connexes, la gestion et la prévention adéquates des risques systémiques sur la bourse des produits de base et contrats connexes.

Les orientations données par l'Autorité peuvent porter sur :

1° la compensation ou le règlement des contrats de produits de base et la réalisation des ajustements des obligations contractuelles découlant de ces contrats;

2° la négociation ou la cessation de la négociation à travers les installations de la bourse des produits de base et contrats connexes;

3° la manière dont la bourse des produits de base et contrats connexes exerce ses activités ainsi que la manière dont les membres donnent des informations relatives aux opérations hors marché;

4° kuvana umuntu mu mwanya cyangwa kumwirukana ku kazi ke, no ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

5° gusaba isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kugishyikiriza raporo z'ibikorwa ku isoko mu buryo gishobora kumenyeshwa;

6° ikindi kibazo cyose Ikigo gisanga ari ngombwa kugira ngo iri tegeko rishobore kubahirizwa.

**Ingingo ya 16: Ububasha bw'Ikigo igihe hari ibyihutirwa**

Iyo Ikigo kibona hari impamvu ituma hari ibintu byihutirwa mu nyungu rusange, gishobora gusaba, kibinyujije mu nyandiko, isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gufata ingamba gisanga ari ngombwa kugira ngo:

1° hasubizweho cyangwa hakomezwe imikorere iboneye mu icuruzwa ry'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze cyangwa icyiciro cy'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze;

An annual report must be accompanied by an audit report where required by the Authority.

The Authority may, by giving written notice to the clearing house, require the clearing house to obtain an audit report by a person to be approved by the Authority either on the annual report or any information or statements accompanying it.

1° une description des activités qu'elle a menées au cours de l'exercice;

2° les biens meubles et immeubles qu'elle avait à sa disposition et celles qu'elle a utilisés pour garantir le respect de ses obligations ;

3° une analyse de la mesure dans laquelle la chambre de compensation estime que les activités entreprises et les ressources utilisées ont permis de se conformer pleinement à toutes ses obligations aux termes de la présente loi et des règles de la chambre de compensation.

Une chambre de compensation doit s'assurer que le rapport annuel est accompagné d'autres informations et déclarations que l'Autorité peut exiger.

Un rapport annuel doit être accompagné par un rapport d'audit lorsque l'Autorité l'exige.

L'Autorité peut, par un avis écrit à une chambre de compensation, demander à cette dernière de lui soumettre un rapport d'audit effectué par une personne qui doit être approuvée par l'Autorité sur le rapport annuel ainsi que toutes informations ou déclarations l'accompagnant.

**Ingingo ya 41: Guha agaciro uburyo bw'iyishyurana bukoreshwa n'ikigo gishinzwe isuzuma ry'iyishyurana hakoreshejwe umutungo w'umuntu wananiwe kwishyura ku mpamvu izo ari zo zose**

Mu gihe cy'iyishyurana hari umutungo w'umuntu wananiwe kwishyura ku mpamvu izo arizo zose, ibi bikurikira bigomba kwitabwaho:

1° amasezerano y'ibicuruzwa by'isoko;

2° amabwiriza y'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana yerekeye iyishyurana ry'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze;

3° uburyo ubwo ari bwo bwose cyangwa igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwe hakurikijwe amabwiriza y'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana yerekeye iyishyurana ry'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze;

4° ikiguzi cy'inyongera cy'isoko;

5° amabwiriza ajyanye no kunanirwa kwishyura imyenda yashyizweho n'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana;

Umuntu ntashobora gukumira cyangwa kubangamira iyishyurwa ry'amasezerano y'ibicuruzwa hakurikijwe amabwiriza y'ikigo

**Article 41: Validity of the proceedings of clearing used by a clearing house by using the assets of a person having become insolvent due to any reason**

While conducting the proceedings of clearing and in case there are assets of a person who became insolvent due to any reason, the following elements are taken into account:

1° market contract;

2° the rules of a clearing house relating to the settlement of a commodity market contract;

3° any proceedings or transaction carried out under the rules of a clearing house relating to the settlement of commodity contracts;

4° a market charge;

5° the default rules of a clearing house;

No person may exercise any power to prevent or interfere with the settlement of a commodity contract in accordance with the rules of a

**Article 41: Validité des procédures de compensation utilisées par une chambre de compensation par le biais des biens d'une personne devenue insolvable pour une raison quelconque**

Lors des procédures de compensation alors qu'il y a des biens d'une personne devenue insolvable pour une raison quelconque, les éléments ci-après sont pris en considération :

1° un contrat de marché;

2° les règles d'une chambre de compensation relatives au règlement d'un contrat de marché de produits de base;

3° toute procédure ou opération effectuée en vertu des règles d'une chambre de compensation au sujet du règlement des contrats de produits de base;

4° les charges liées au marché;

5° les règles relatives au défaut de paiement établies par une chambre de compensation;

Nul ne peut exercer un certain pouvoir pour empêcher ou perturber le règlement du contrat de produits de base conformément aux règles d'une

gishinzwe isuzuma n'iyishyurana.

**<u>Ingingo ya 42:</u> Gukora ibikorwa bimwe na bimwe mu bucuruzi nk'uwikorera**

Iyo umunyamuryango w'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana, akorana ubucuruzi bukubiyemo amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze n'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana, uwo munyamuryango w'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana ntafatwa nk'uhagarariye undi muri icyo gikorwa cy'ubucuruzi ahubwo afatwa nk'uwikorera byaba mu mbonezamubano cyangwa mpanabyaha.

Iyo abanyamuryango babiri cyangwa benshi b'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana, bakorana ubucuruzi bukubiyemo amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze n'ikigo gishinzwe isuzuma n'iyishyurana, ntibafatwa nk'abahagarariye abandi muri icyo gikorwa cy'ubucuruzi ahubwo bafatwa nk'abikorera byaba mu mbonezamubano cyangwa mpanabyaha.

**<u>UMUTWE WA V</u>: ABACURUZI B'IBICURUZWA BY'IBANZE N'AMASEZERANO ABIKOMOKAHO, ABAJYANAMA N'ABAHAGARARIYE MU BY'UBUCURUZI BW'IBICURUZWA BY'IBANZE N'AMASEZERANO ABIKOMOKAHO**

clearing house.

**<u>Article 42</u>: Conducting certain transactions as principal**

Where a clearing member enters into any transaction including commodity contracts with a clearing house, the clearing member shall not be considered, whether in terms of civil or criminal actions, as an agent in that transaction but rather as principal.

Where two or more clearing members enter into any transaction including a commodity contract with a clearing house, they shall not be considered, whether in terms of civil or criminal actions, as agents in that transaction but rather as principals.

**<u>CHAPTER V</u>: COMMODITY EXCHANGE AND RELATED CONTRACTS DEALERS, COMMODITY EXCHANGE AND RELATED CONTRACT TRADING ADVISERS AND REPRESENTATIVES**

chambre de compensation.

**<u>Article 42</u>: Effectuer certaines transactions à titre de principal**

Lorsqu'un membre compensateur conclut une transaction y compris un contrat des produits de base avec une chambre de compensation, ce membre n'est en aucun cas considéré comme agent dans cette transaction mais plutôt comme participant à titre de principal qu'il soit en matière civile ou pénale.

Lorsque deux ou plusieurs membres compensateurs concluent une transaction impliquant entre autres un contrat des produits de base avec une chambre de compensation, ils ne peuvent en aucun cas être considérés comme agents à cette transaction mais plutôt comme participants à titre de principal, qu'il soit en matière civile ou pénale.

**<u>CHAPITRE V</u>: NEGOCIANTS DE PRODUITS DE BASE ET CONTRATS CONNEXES, CONSEILLERS ET REPRESENTANTS EN NEGOCIATIONS DE PRODUITS DE BASE ET CONTRATS CONNEXES**

**<u>Ingingo ya 43:</u> Ibisabwa mu gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Umuntu, yaba uwikorera cyangwa uhagarariye undi, ntiyemerewe gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uwikorera cyangwa ngo yiyitirire ko akora ubwo bucuruzi, keretse afite icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho yahawe n'Ikigo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Umuntu ntiyemerewe gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umujyanama mu by'ubucuruzi, cyangwa ngo yitware nk'ukora ubwo bujyanama, keretse afite icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho yahawe n'Ikigo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Umuntu ntiyemerewe gukora cyangwa ngo yitware nk'uhagarariye umucuruzi w'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho keretse afite icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho yahawe n'Ikigo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Umuntu ntiyemerewe gukora cyangwa ngo yigaragaze nk'uhagarariye umujyanama mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho keretse afite icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho

**<u>Article 43:</u> Requirements for conducting commodity exchange trading and related contracts**

No person, whether as principal or agent, shall carry on commodity exchange trading and related contracts as a commodity exchange dealer or hold himself/herself out as carrying on such a trading, unless they hold a commodity exchange trading and related contracts licence granted by the Authority in accordance with the provisions of this Law.

No person shall carry on commodity exchange trading and related contracts as a commodity trading adviser or hold himself/herself out as carrying on such a trading, unless they hold a commodity exchange and related contracts dealer's licence granted by the Authority in accordance with the provisions of this Law.

No person shall act as, or hold himself/herself out as, a representative of a commodity exchange and related contracts dealer unless they hold a commodity exchange and related contracts dealer's licence granted by the Authority in accordance with the provisions of this Law.

No person shall act as, or hold himself/herself out as, a commodity exchange and related contracts trading adviser's representative unless they hold a commodity exchange and related contracts dealer's licence granted by the

**<u>Article 43:</u> Conditions d'exercice des activités de bourse des produits de base et contrats connexes**

Nul ne doit exercer les activités de bourse des produits de base et contrats connexes, ou se présenter comme une personne exerçant ces activités en tant que mandant ou mandataire sauf s'il est détenteur d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes, octroyée par l'Autorité conformément aux dispositions de la présente loi.

Nul ne doit exercer des activités de bourse des produits de base et contrats connexes en tant que conseiller en négociation ou se présenter en tant que tel, sauf s'il est détenteur d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes, octroyée par l'Autorité conformément aux dispositions de la présente loi.

Nul ne doit agir en tant que représentant d`un négociant de produits de base et contrats connexes, ni se présenter en tant que tel, sauf s'il est détenteur d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes, octroyée par l'Autorité conformément aux dispositions de la présente loi.

Nul ne doit agir en tant que représentant d`un conseiller en négociation de produits de base et contrats connexes, ni se présenter en tant que tel, sauf s'il est détenteur d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes,

nk'uhagarariye umujyanama mu by'ubucuruzi yahawe n'Ikigo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umucuruzi w'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gihabwa isosiyete gusa.

Icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umujyanama mu by'ubucuruzi gihabwa umuntu ku giti cye cyangwa isosiyete.

Icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uhagarariye undi gihabwa gusa umuntu ku giti cye.

Uhagarariye ntagomba guhabwa icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho keretse iyo akorana n'umucuruzi wemewe.

Isosiyete yahawe icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umucuruzi w'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa umujyanama mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho igomba buri gihe gukoresha byibuze umuntu umwe ku giti cye wahawe icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano

Authority in accordance with the provisions of this Law.

A commodity exchange and related contracts dealer's licence is only granted to a company.

A commodity exchange and related contracts trading adviser's licence is granted to an individual or to a company.

A license to act as a commodity exchange and related contracts dealer's representative is only granted to an individual.

A representative shall not be licensed as a commodity exchange and related contracts dealer unless he/she is accredited to a principal.

A company which is licensed as a commodity exchange and related contracts dealer or commodity exchange and related contracts trading adviser must at all times employ at least one individual who is licensed as a commodity exchange and related contracts dealer's representative in accordance with the provisions of this Law.

octroyée par l'Autorité conformément aux dispositions de la présente loi.

Une licence de négociant de produits de base et contrats connexes ne peut être octroyée qu`à une société.

Une licence de conseiller en négociation de produits de base et contrats connexes peut être octroyée à un individu ou à une société.

Une licence de représentant d'un négociant de produits de base et contrats connexes ne peut être octroyée qu'à un individu.

Un représentant n'obtient pas de licence de négociant de produits de base et contrats connexes sauf s'il est accrédité auprès d`un mandant.

Une société qui détient une licence de négociant de produits de base et contrats connexes ou de conseiller en négociation de produits de base et contrats connexes doit en tout temps employer au moins un individu autorisé comme représentant d'un négociant de produits de base et contrats connexes en vertu des dispositions de la présente loi.

abikomokaho nk'uhagarariye hakurikijwe ibivugwa muri iri tegeko.

Isosiyete yahawe icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umucuruzi w'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa umujyanama mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho igomba gukora gusa ibikorwa byayo by'ubucuruzi keretse gusa iyo ibyo bindi bikorwa hari icyo byunganira cyangwa hari aho bihuriye n'ubucuruzi cyangwa mu buryo butandukanye n'ibyo yemerewe gukora nk'uko Ikigo gishobora kubyemera mu buryo bwihariye.

Iyo usaba ari banki cyangwa ikigo cy'imari giciriritse, icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umucuruzi w'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kigomba guhabwa ishami ry'iyo banki cyangwa ikigo cy'imari giciriritse byashinzwe kugira ngo bikore ako kazi.

**<u>Ingingo ya 44</u>: Kwemeza uhagarariye**

Uhagarariye aba yemewe n'uwikorera ku mpamvu z'iri tegeko gusa, iyo icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uhagarariye kivuga ko yemewe n'uwikorera.

A company which is licensed as a commodity exchange and related contracts dealer or commodity exchange and related contracts trading adviser is exclusively engaged in that commodity exchange trading and related contracts except only in respect of such other matters as are ancillary or incidental to its commodity exchange trading and related contracts or otherwise as may be expressly permitted by the Authority.

If the applicant is a bank or a microfinance institution, a commodity exchange and related contracts dealer's licence is granted to a subsidiary of the bank or the microfinance institution incorporated for that purpose.

**<u>Article 44</u>: Accreditation of a representative**

A representative is accredited to a principal for purposes of this Law only if the license to act as a commodity exchange and related contracts dealer's representative states that he/she is accredited to the principal.

Une société qui détient une licence de négociant de produits de base et contrats connexes ou de conseiller en négociation de produits de base et contrats connexes est exclusivement impliquée dans les activités de bourse de produits de base et contrats connexes excepté seulement à l`égard des matières accessoires ou connexes à ces activités de bourse de produits de base et contrats de base ou lorsque cela peut être expressément permis par l'Autorité.

Lorsque le demandeur est une banque ou une institution de micro finance, la licence de négociant de produits de base et contrats connexes est octroyée à une succursale de la banque ou à une institution de micro finance créée à cette fin.

**<u>Article 44:</u> Accréditation d'un représentant**

Un représentant est accrédité auprès d`un mandant aux fins de la présente loi si la licence de représentant d'un négociant de produits de base et contrats connexes indique qu'il est accrédité auprès d`un mandant.

Ikigo ntikigomba gutanga icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho uhagarariye keretse iyo uhagarariye n'uwikorera babimenyesheje Ikigo binyujijwe mu nyandiko ko yemewe cyangwa agiye kwemerwa.

Iyo kwemeza uhagarariye bisheshwe yaba ari uwikorera cyangwa uhagarariye:

1° uwikorera agomba guhita amenyesha Ikigo iby'iryo seswa;

2° uwikorera agomba gutanga itangazo mu itangazamakuru rikora buri munsi asobanura ibyerekeye iryo seswa;

3° uhagarariye agomba gusubiza icyemezo cyo gukora cye akagishyikiriza Ikigo mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) Ikigo kimusabye kugitanga;

Ikigo kigomba kumuvana mu gitabo cyandikamo abacuruzi b'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

**Ingingo ya 45: Gusaba icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Gusaba icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho bigomba gushyikirizwa Ikigo.

The Authority shall not issue a licence to act as a commodity exchange and related contracts dealer's representative unless both the representative and the principal have notified the Authority in writing that he/she is, or is to be, accredited.

Where the accreditation of the representative is terminated whether by the principal or by the representative:

1° the principal must immediately notify the Authority in writing of such termination;

2° the principal must publish in a daily media a notice explaining matters related to such termination;

3° the representative must return his/her licence to the Authority within a period not exceeding seven (7) days as of the date on which the Authority requires him/her to return it;

The Authority must remove the representative from registry of commodity exchange dealers.

**Article 45: Application for a commodity exchange and related contracts dealer's licence**

An application for a commodity exchange and related contracts dealer's licence must be made to the Authority.

L'Autorité ne peut pas délivrer une licence de représentant d'un négociant de produits de base et contrats connexes sauf si le représentant et le mandant notifient l'Autorité par écrit que le représentant est, ou va être, accrédité.

Lorsque l`accréditation d`un représentant est annulée que ce soit par le mandant ou par le représentant :

1° le mandant doit immédiatement notifier l'Autorité par écrit à propos de cette annulation;

2° le mandant doit publier dans la presse quotidienne un avis expliquant les questions liées à cette annulation ;

3° le représentant doit remettre sa licence à l'Autorité dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter du jour où l'Autorité lui demande de la remettre ;

L'Autorité doit le rayer du registre des négociants de produits de base.

**Article 45: Demande de licence de négociant des produits de base et contrats connexes**

La demande de licence de négociant des produits de base et contrats connexes doivent être adressés à l'Autorité.

Usaba icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agomba:

1° guha Ikigo amakuru gisaba yerekeye:

a. serivisi usaba icyemezo cyo gukora atanga kandi ashobora gutanga igihe ubusabe bwe bwemewe;

b. ubucuruzi usaba icyemezo cyo gukora ashaka gukora cyangwa akora, n'amakuru y'undi muntu usaba icyemezo cyo gukora ashaka gukoresha cyangwa ashaka gukorana na we mu byerekeye gukora ubucuruzi;

2° kugaragaza aho inyubako zose zibikwamo ibyemezo n'inyandiko z'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu rwego rw'ubusabe bwe zizaba ziherereye keretse ubusabe bw'icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho bukozwe nk'uhagarariye;

3° kugaragaza inyemezabwishyu y'amafaranga y'ubusabe agenwa n'Ikigo.

The applicant for a commodity exchange and related contracts dealer's licence shall:

1° give the Authority information it requires about:

a. the services which the applicant provides or is able to provide if the application is allowed;

b. the business that the applicant proposes to carry on or carries on, and information about any person whom the applicant proposes to employ or with whom the applicant intends to be associated in the course of carrying on the business;

2° specify the location of all premises at which the records or other documents of the commodity exchange trading and related contracts in respect of which the application is made are to be kept, except for an application for a license to act as a commodity exchange and related contracts dealer's representative;

3° provide receipt of payment of application fee determined by the Authority.

Le demandeur d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes doit :

1° donner à l'Autorité les informations requises au sujet:

a. de services pour lesquels le demandeur donne ou est capable de prester une fois que la licence lui est octroyée ;

b. d'activités commerciales que le demandeur propose d`exercer ou qu'il exerce et d'informations de toute personne que le demandeur propose d`employer ou avec laquelle il propose de s`associer dans l`exercice de ses activités commerciales;

2° préciser la localisation de toutes les installations où les registres et autres documents de négociation de produits de base et contrat connexes à l`égard desquels la demande est faite, seront conservés, sauf en cas de demande de licence de représentant d'un négociant de produits de base et contrats connexes ;

3° donner un reçu de paiement des frais de demande fixés par l'Autorité.

Ikigo gishobora gusaba usaba icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho n'undi muntu wese ufite aho ahuriye n'ubusabe, gutanga andi makuru Ikigo gisanze ari ngombwa.

Gusaba kugira ngo uhabwe icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uhagarariye bigomba gushyigikirwa mu buryo bwagaragajwe n'uwikorera ufite, cyangwa wasabye icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

**<u>Ingingo ya 46</u>: Itangwa ry'icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Ikigo gishobora kwemera cyangwa kwanga gutanga icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Ikigo gishobora, kibinyujije mu nyandiko, gutanga icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho iyo usaba icyemezo cyo gukora yujuje ibi bikurikira:

1° mu gihe icyemezo gisabwa ari icyo gukora nk'umucuruzi w'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, usaba icyemezo cyo

The Authority may require an applicant of a commodity exchange and related contracts dealer's licence and any other person associated with the application, to provide such further information as the Authority considers necessary.

An application for the grant of a license to act as a commodity exchange and related contracts dealer's representative must be supported in the prescribed manner by a principal who is the holder of, or who has applied for, a commodity exchange and related contracts dealer's licence.

**<u>Article 46</u>: Grant of a commodity exchange and related contracts dealer's licence**

The Authority may grant or refuse to grant a commodity exchange and related contracts dealer's licence.

The Authority may, by a written notice, grant a commodity exchange and related contracts dealer's licence where the applicant fulfils the following requirements:

1° in the case of an application for a commodity exchange and related contracts dealer's licence, the applicant

L'Autorité peut requérir à un demandeur de licence de négociant des produits de base et contrats connexes et à toute autre personne associée à la demande, d'apporter toute autre information qu`elle considère nécessaire.

Une demande d'octroi de licence de représentant d'un négociant de produits de base et contrats connexes doit être appuyée de la manière définie par un mandant qui est détenteur d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes ou celui qui en a fait la demande.

**<u>Article 46</u>: Octroi d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes**

L'Autorité peut accepter ou refuser d'octroyer une licence de négociant de produits de base et contrats connexes.

L'Autorité peut octroyer la licence de négociant de produits de base et contrats connexes par écrit si le demandeur remplit les conditions suivantes:

1° dans le cas d`une demande de licence de négociant de produits de base et contrats connexes, le demandeur doit être inscrit

gukora agomba kuba yanditswe mu gitabo cy'ubucuruzi hakurikijwe amategeko abigenga;

2° mu gihe icyemezo gisabwa ari cyo gukora ubucuruzi w'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'isosiyete usaba icyemezo cyo gukora agomba kuba yanditswe mu gitabo cy'ubucuruzi hakurikijwe amategeko abigenga;

3° ari umuntu ufite ubushobozi kandi ukwiye guhabwa icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

4° afite kandi azakomeza kugira igihe cyose imari shingiro ingana nk'uko biteganywa mu mabwiriza y'Ikigo;

5° azashyiraho ingamba ziboneye n'imikorere ikwiye kugira ngo harebwe ko umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agendera ku mategeko, harimo abayobozi bakuru n'abakozi;

6° azakomeza gukora mu buryo bunoze nk'uko bisabwa yaba mu nzego z'imitangire ya serivisi cyangwa mu nzego z'ubuyobozi hagamijwe kurebwa uburyo hafatwa ingamba zose

shall be registered in the trade register pursuant to relevant laws;

2° in the case of an application by a company for a commodity exchange and related contracts dealer's licence, the applicant must be registered in the trade register pursuant to relevant laws;

3° the applicant is a fit and proper person to be granted commodity exchange and related contracts dealer's licence;

4° the applicant has, and shall maintain at all times, such capital as may be prescribed by the Authority's regulations;

5° the applicant shall establish adequate strategies and procedures that are sufficient to ensure compliance by the commodity exchange and related contracts market intermediary, including its managers and employees;

6° the applicant shall maintain and operate effective organisational and administrative requirements with a view to taking all reasonable steps to prevent conflicts of interest from

au registre de commerce conformément à la législation en la matière;

2° dans le cas d`une demande de licence de négociant de produits de base et contrats connexes par une société, le demandeur doit être inscrit au registre de commerce conformément à la législation en la matière;

3° le demandeur est une personne qualifiée et réputée pour être octroyée une licence de négociant de produits de base et contrats connexes;

4° le demandeur a et maintiendra en tout temps le capital qui pourrait être requis par les règlements de l'Autorité;

5° le demandeur mettra en place des stratégies appropriées et des procédures suffisantes pour garantir le respect par l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes y compris ses dirigeants et employés ;

6° le demandeur maintiendra et appliquera des conditions organisationnelles et administratives efficaces en vue de faire toutes les démarches nécessaires pour empêcher que des conflits d`intérêts ne

zishoboka mu gukumira igongana ry'inyungu rishobora kugira ingaruka ku nyungu z'abakiriya be;

7° azafata ingamba zose zishoboka kugira ngo arebe neza ko ubucuruzi bwe bukomeza kurangwa n'imikorere myiza no gukorera kuri gahunda kandi by'umwihariko akazakoresha ikoranabuhanga rigezweho, ibikoresho n'imikorere inoze;

8° akoresha uburyo bwo kuyobora no kubarura imari neza, uburyo bwo kwikorera igenzura, uburyo bwo kugenzura ibibazo, n'uburyo bwo kugenzura no kubungabunga uburyo bw'ikoranabuhanga mu itanga ry'amakuru;

9° afite uburyo bwo kubika inyandiko zose n'ibikorwa byose by'ubucuruzi byakozwe mu buryo butunganye kugira ngo Ikigo kibashe kugenzura ko hakurikijwe ibisabwa n'iri tegeko, by'umwihariko kugira ngo hagenzurwe neza ko umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho yubahirije inshingano zose afitiye abakiriya cyangwa abashobora kuba abakiriya;

10° acunga umutungo w'umukiriya, agomba kugirana amasezerano aboneye kugira ngo abungabunge uburenganzira

adversely affecting the interests of its clients;

7° the applicant shall take all reasonable strategies to ensure continuity and regularity in the performance of his/her commodity exchange trading and in particular will employ modern systems, resources and effective procedures;

8° the applicant has sound administrative and accounting procedures, internal control mechanisms, effective procedures for risk assessment, and effective control and safeguard arrangements for information technology systems;

9° the applicant has arrangements for records to be kept of all documents and transactions undertaken in an appropriate way to enable the Authority to monitor compliance with the requirements of this Law, and in particular to ascertain that the commodity exchange and related contracts market intermediary has complied with all obligations with respect to clients and potential clients;

10° when holding clients' property, the applicant must make adequate arrangements to safeguard clients'

puissent avoir des effets néfastes sur les intérêts des clients ;

7° le demandeur effectuera les démarches nécessaires pour garantir la continuité et la régularité dans l`exercice de ses activités et qu`il pourra, en particulier, employer des systèmes modernes ainsi que des ressources et des procédures efficaces;

8° le demandeur dispose de procédures administratives et comptables solides, des mécanismes de contrôle interne, des procédures efficaces de gestion de risques, des dispositifs efficaces de sauvegarde pour les systèmes de technologie des informations;

9° le demandeur dispose d'une manière appropriée de mécanismes d`enregistrement de tous les documents et opérations menés pour permettre à l'Autorité de faire le suivi quant à la conformité aux conditions définies par la présente loi et en particulier, d'établir avec précision que l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes a respecté toutes les obligations à l`égard des clients et des clients potentiels;

10° en cas de gestion des biens du client, le demandeur doit prendre des dispositions nécessaires pour sauvegarder les droits

bw'abakiriya ku mutungo, cyane cyane iyo habayeho kunanirwa kwishyura imyenda no kwirinda gukoresha umutungo w'abakiriya mu nyungu ze keretse iyo umukiriya abyemeye;

11° abikiye abakiriya amafaranga, agomba kugirana amasezerano aboneye n'abakiriya yo kubungabunga uburenganzira bwabo no kwirinda ko hakoreshwa amafaranga yabo mu nyungu ze;

12° ari isosiyete ikoresha nibura umuntu umwe ufite icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uhagarariye hakurikijwe ibivugwa muri uyu mutwe;

13° agaragaza aho inyubako ziherereye kandi zishobora kubika ibyangombwa cyangwa izindi nyandiko iyo ubusabe butari icyemezo cy'uhagarariye;

14° yaratsinze ibizamini akanahugurwa hakurikijwe amabwiriza y'Ikigo iyo asaba icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uhagarariye;

ownership rights, especially in the event of its insolvency, and to prevent the use of a clients' property on own account except with the client's express consent;

11° when holding clients' funds, the applicant must make adequate arrangements to safeguard the client's rights and to prevent the use of clients' funds for its own account;

12° where it is a company employing at least one individual who is licensed to operate as a representative in accordance with the provisions of this Chapter;

13° the applicant specifies the location of premises that are suitable for keeping records or other documents if the application is not for representative licence;

14° the applicant has passed such examination and undertaken such training in accordance the regulations of the Authority, in the case of an application for carrying out commodity exchange and related contracts as representative;

de propriété du client, surtout dans des cas d`insolvabilité et pour empêcher l'usage des biens du client pour ses propres intérêts à moins d'en obtenir le consentement exprès du client;

11° en cas de gestion des fonds du client, le demandeur doit prendre les dispositions nécessaires pour sauvegarder les droits du client et empêcher de faire usage de ces fonds pour ses propres intérêts;

12° pour le cas d`une entreprise employant au moins un individu auquel il est octroyé une licence de négociant de produits de base entant que représentant en vertu des dispositions du présent chapitre;

13° le demandeur indique l'endroit où se trouvent les installations susceptibles d'abriter la tenue de la documentation et d'autres formes de documents si la demande n'est pas celle d'une licence de représentant ;

14° le demandeur a réussi aux examens et a suivi une formation conformément au règlement de l'Autorité pour le cas d'une demande pour une licence de négociant de produits de base et contrats connexes en tant que représentant;

15° yujuje ibindi bisabwa bishobora kuba ngombwa cyangwa bishyirwaho n'Ikigo.

Haseguriwe ibiteganywa n'iyi ngingo n'iyibanziriza, Ikigo gishobora guha icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho hakurikijwe iri tegeko umuntu wahawe icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu kindi gihugu kigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba kandi bikubahirizwa nk'uko bigenwa n'amategeko.

**<u>Ingingo ya 47:</u> Igihe icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kimara**

Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko, icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gitangwa mu gihe gihoraho ariko buri mwaka umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho akajya yishyura amafaranga y'icyo cyemezo cyo gukora ku itariki cyatangiweho.

15° the applicant satisfies any other condition which may be considered necessary or required by the Authority.

Subject to provisions of this Article and the preceding Article, the Authority may grant a licence for dealing in commodity exchange and related contracts as a commodity exchange and related contracts market intermediary in accordance with this Law to a person duly licensed as an commodity exchange and related contracts market intermediary in another East African Community Partner State in such manner, and subject to conditions as may be prescribed by the law.

**<u>Article 47</u>: Commodity exchange and related contract dealer's licence validity period**

Subject to provisions of this Law, a commodity exchange and related contracts dealer's licence is granted for a continuous period. However, the commodity exchange and related contracts market intermediary pays an annual licence fee on the date of its issuance.

15° le demandeur remplit toute autre condition pouvant être jugée nécessaire ou exigée par l'Autorité.

Sous réserve des dispositions du présent article ainsi que celles de l`article précédent, l'Autorité peut octroyer une licence de négociant entant qu'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes en vertu de la présente loi à une personne autorisée comme intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes dans un autre pays membre de la Communauté de l'Afrique de l'Est selon les conditions définies par la loi.

**<u>Article 47</u>: Période de validité d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes**

Sous réserve des dispositions de la présente loi, une licence de négociant de produits de base et contrats connexes est accordée pour une durée indéterminée. Toutefois, l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes paie, à la date de l`octroi de cette licence, la redevance annuelle.

**<u>Ingingo ya 48:</u> Gushyiraho ibisabwa n'ibibujijwe mu gutanga icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Ikigo gishobora gushyiraho ibisabwa n'ibibujijwe gisanga ari ngombwa mu gutanga icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Ikigo gishobora, cyifashishije inyandiko ishyikirizwa ufite icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, guhindura, kuvanaho cyangwa gutesha agaciro ibisabwa ibyo ari byo byose cyangwa kongeraho ibindi bisabwa.

Ufite icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uhagarariye, ntiyemerewe gucuruza amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu izina rye.

**<u>Ingingo ya 49:</u> Guha umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho imirongo ngenderwaho**

Ikigo gishobora, cyifashishije inyandiko, guha umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho imirongo ngenderwaho iyo bigaragara ko Ikigo kibona ko:

**<u>Article 48:</u> Establishing conditions and restrictions on granting a commodity exchange and related contracts dealer's licence**

The Authority may establish the necessary conditions and restrictions subject to which a commodity exchange and related contracts dealer's licence is granted.

The Authority may, by written notice transmitted to a holder of a commodity exchange and related contracts dealer's licence, amend, remove or revoke any requirements or attach new conditions.

The holder of a commodity exchange and related contracts dealer's licence as a representative shall not be allowed to trade in commodity contracts for his/her own account.

**<u>Article 49:</u> Issuance of directives to a commodity exchange and related contracts market intermediary**

The Authority may by a written notice give a commodity exchange and related contracts market intermediary a direction where it appears to the Authority that:

**<u>Article 48:</u> Établir des conditions et des restrictions sur l'octroi de licence de négociant de produits de base et contrats connexes**

L'Autorité peut établir des conditions et des restrictions nécessaires pour lesquelles une licence de négociant de produits de base et contrats connexes est octroyée.

Par un avis écrit adressé au détenteur d'une licence de négociant de produits de base et contrats connexes, l'Autorité peut modifier, annuler ou retirer toutes conditions ou y ajouter d'autres conditions.

Il est interdit à tout détenteur de licence de négociant de produits de base et contrats connexes en tant que représentant de faire des négociations des produits de base et contrats connexes à son compte personnel.

**<u>Article 49:</u> Emettre des directives à un intermédiaire de marché et contrat connexe**

L'Autorité peut, par un avis écrit, donner à un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes, une directive lorsqu'il constate que:

1° hakenewe kurinda abashoramari;

2° umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho arenga, yarenze cyangwa agiye kurenga ku mabwiriza, cyangwa yananiwe gukurikiza ibiteganywa, ibisabwa n'iri tegeko cyangwa mu gihe yitwaga yuko yubahiriza ibwiriza iryo ariryo ryose, yahaye Ikigo amakuru y'ibinyoma, cyangwa ayobya.

Imirongo ngenderwaho ishobora kubamo ibisabwa cyangwa ibibujijwe bikurikira:

1° gusaba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho guhagarika kurenga ku mabwiriza;

2° kubuza umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gukorera ibikorwa by'icyiciro cy'ubucuruzi runaka cyangwa ibindi bibujijwe hakoreshejwe inyandiko;

3° kubuza umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gusaba gukorana ubucuruzi n'undi muntu w'icyiciro cy'ubucuruzi cyangwa abantu bari mu kindi cyiciro;

1° the protection of investors is needed;

2° the commodity exchange and related contracts market intermediary is contravening, has contravened or is about to contravene, or has failed to comply with any provision or requirement under this Law or regulations or, in purported compliance with any such provision or requirement has provided the Authority with information that is false or misleading.

Directives may contain the following requirements or prohibitions:

1° to require a commodity exchange and related contracts market intermediary to desist from the contravention;

2° to prohibit a commodity exchange and related contracts market intermediary from entering into transactions of a class or description specified in a written notice;

3° to prohibit a commodity exchange and related contracts market intermediary from soliciting trading from a person of a class of business or people in another category;

1° la protection des investisseurs est nécessaire;

2° l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes est en train d`enfreindre, a enfreint ou est sur le point d`enfreindre ou est incapable de se conformer aux conditions de la présente loi ou à ses règlements, dans la conformité supposée par rapport à toute disposition ou condition, l`intermédiaire a fourni à l'Autorité des informations fausses ou trompeuses.

Une directive peut contenir une exigence ou une interdiction suivante:

1° demander à un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes de renoncer à la contravention;

2° interdire à un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes d'effectuer des opérations d`une catégorie ou une description spécifiée dans l`avis écrit ;

3° interdire à un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes de solliciter une affaire auprès d`une personne d`une catégorie d'affaires ou de personnes des catégories différentes;

4° kubuza umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gukora ubucuruzi runaka cyangwa mu buryo runaka.

By'umwihariko, ku byerekeye imitungo iyo ari yo yose yaba ari iyo mu Rwanda cyangwa ahandi, yaba ari iy'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa atari iye, imirongo ngenderwaho ishobora kandi kugaragaza ibi bikirikira:

1° kubuza umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho guhererekanya, kwangiza cyangwa kwikuraho imitungo cyangwa kuyikoresha mu buryo budasobanutse;

2° gusaba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gukoresha iyo mitungo gusa, mu buryo bwagaragajwe mu nyandiko;

3° gusaba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kugira mu Rwanda imitungo ifite agaciro Ikigo kibona ko gahagije kugira ngo harebwe neza ko azashobora kwishyura imyenda ye mu rwego rw'ubucuruzi;

4° to prohibit a commodity exchange and related contracts market intermediary from carrying on a specified business or in a specified manner.

More specifically, as regards any assets whether in Rwanda or elsewhere and whether they are the assets of the commodity exchange and related contracts market intermediary or not, directives may also indicate the following:

1° to prohibit the commodity exchange and related contracts market intermediary from transferring, alienating or otherwise disposing of such assets or from dealing with them in a manner which is not specified;

2° to require the commodity exchange and related contracts market intermediary to deal with such assets only in a manner specified in a written notice;

3° to require a commodity exchange and related contracts market intermediary to maintain in Rwanda assets of such value as appears to the Authority to be desirable with a view to ensuring that he/she will be able to meet his/her liabilities in respect of his/her business;

4° interdire à un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes de faire des affaires définies ou d`une manière définie.

Plus particulièrement, en ce qui concerne les actifs, que ce soit au Rwanda ou ailleurs et que ces actifs appartiennent à l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes ou non, les directives peuvent également indiquer ce qui suit:

1° interdire à un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes de céder, aliéner ou disposer de ces actifs ou de les exploiter d'une manière qui n'est pas définie;

2° exiger d'un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes d'exploiter ces actifs uniquement de la manière indiquée dans l`avis écrit;

3° exiger d'un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes d'avoir des actifs au Rwanda d'une valeur que l'Autorité trouve susceptible à rassurer que cet intermédiaire sera en mesure de respecter ses engagements à l'égard de ses activités ;

4° gusaba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kugenzura ihererekanya ry'imitungo mu cyiciro cy'ubucuruzi cyagaragajwe cyangwa cyasobanuwe igahabwa ucunga iby'abandi w'umwuga wemejwe n'Ikigo;

5° gusaba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho gukurikiza andi mabwiriza Ikigo gisanga ari ngombwa mu rwego rwo kurinda abashoramari.

Umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agomba kubahiriza imirongo ngenderwaho yo muri iyi ngingo.

Imirongo ngenderwaho igomba gukurikizwa mu gihe cyagaragajwe nk'uko Ikigo gisanga ari ngombwa, icyo gihe gishobora kongerwa iyo bibaye ngombwa.

Ikigo gishobora, cyifashishije inyandiko cyaba kibyibwirije cyangwa kibisabwe n'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho wabujijwe kugira ibyo akora cyangwa wategetswe kugira ibyo yuzuza hakurikijwe iyi ngingo, gutesha agaciro cyangwa gukuraho icyo cyemezo cyafashwe iyo bigaragarira Ikigo ko bitakiri ngombwa gukomeza kubahiriza icyo cyemezo yafatiwe

4° require a commodity exchange and related contracts market intermediary to transfer control of assets of a specified class or description to a trustee approved by the Authority;

5° to require a commodity exchange and related contracts market intermediary to comply with other instructions as the Authority considers necessary for the protection of investors.

A commodity exchange and related contracts market intermediary must comply with directives provided for in this Article.

Directives must be for such specified period as the Authority considers necessary and this period may be extended where necessary.

Imitungo y'umukiriya ifitwe n'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu izina rye ntabwo ishobora gukoreshwa mu kwishyura imyenda y'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa ikoreshwe mu kwishyura imyenda y'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ikomoka ku mikirize y'imanza zireba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Iyishyura rikozwe mu buryo bunyuranyije n'iyi ngingo nta gaciro riba rifite keretse biteganyijwe ukundi mu mabwiriza y'Ikigo.

3° require the maintenance of records in relation to such accounts in the manner specified in the regulations of the Authority;

4° require the submission to the Authority, upon request or at specified intervals, of specified information, records and documents for the purpose of enabling the Authority to ascertain readily whether the regulations are complied with;

5° address any other issue relating to client assets.

Client assets held by a commodity exchange and related contracts market intermediary on account of a client shall not be available for payment of the debts of the commodity exchange and related contracts market intermediary or liable to be paid in execution of court judgements against the commodity exchange and related contracts market intermediary.

A payment made in contravention of this Article is void, unless otherwise provided for in the regulations of the Authority.

3° exiger la tenue des registres relatifs à ces comptes de la manière indiquée dans les règlements de l'Autorité;

4° exiger la remise à l'Autorité, sur demande ou à intervalles réguliers, des informations précises, des registres et documents dans le but de permettre à l'Autorité de vérifier si les règlements sont respectés;

5° résoudre toute autre question relative aux actifs des clients.

Les actifs des clients tenus par un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes au nom d'un client ne sont pas libérés pour le paiement des dettes de l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes ou en exécution des jugements à l`encontre de l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes.

Un paiement effectué en violation du présent article est nul sauf disposition contraire des règlements de l'Autorité.

**<u>UMUTWE WA VII</u>: UBURENGANZIRA N'UBURYOZWE BW'ABAFITE IBYEMEZO BYO GUKORA**

**<u>Ingingo ya 62</u>: Uburenganzira bw'abasaba n'abafite icyemezo cyo gukora**

Ikigo kitabanje guha usaba cyangwa ufite icyemezo cyo gukora umwanya wo kwisobanura bitewe n'uko ibintu byaba byifashe, ntikigomba:

1° kwangira usaba kumuha icyemezo cyo gukora kivugwa muri iri tegeko;

2° gutesha agaciro cyangwa guhagarika by'agateganyo icyemezo cyo gukora cyatanzwe hakurikijwe iri tegeko;

3° gutegeka imirongo ngenderwaho iyo ari yo yose cyangwa ibisabwa ibyo ari byo byose bijyanye n'icyemezo cyo gukora.

Iyo ubusabe bwanzwe, Ikigo kigomba kubimenyesha usaba kibinyujije mu nyandiko ko cyanze ubusabe bwe n'impamvu cyabwanze.

Iyo icyemezo cyo gukora cyateshejwe agaciro cyangwa cyahagaritswe, Ikigo kigomba kubimenyesha ufite icyemezo cyo gukora ko cyatesheje agaciro icyo cyemezo cyo gukora cyangwa cyagihagaritse kikagaragaza:

1° impamvu cyabikoze;

**<u>CHAPTER VII</u>: RIGHTS AND LIABILITIES OF LICENCE HOLDERS**

**<u>Article 62:</u> Rights of applicants and holders of licence**

Without first giving the applicant or licence holder, as the case may be, an opportunity of being heard, the Authority shall not:

1° refuse to grant the applicant a licence referred to under this Law;

2° revoke or suspend a licence granted in accordance with this Law;

3° impose any directives or requirements relating to such a licence.

The Authority must, if it refuses an application, notify the applicant in writing of the refusal and the reasons for it.

The Authority must, if it revokes or suspends a licence, notify the licence holder in writing of the revocation or suspension and indicate:

1° the reasons for doing so;

**<u>CHAPITRE VII</u>: DROITS ET OBLIGATIONS DES DÉTENTEURS DE LICENCES**

**<u>Article 62:</u> Droits des demandeurs et détenteurs de licence**

Si l'Autorité ne donne pas préalablement au demandeur ou au détenteur de licence selon le cas une possibilité d`être entendu, elle ne doit pas :

1° refuser d'octroyer au demandeur une licence visée à la présente loi;

2° révoquer ou suspendre une licence octroyée conformément à la présente loi;

3° imposer des directives ou des exigences relatives à cette licence.

L`Autorité doit, en cas de refus de demande, notifier par écrit le demandeur et motiver ce refus.

Si l'Autorité révoque ou suspend une licence, elle doit notifier par écrit le demandeur ou le détenteur au sujet de cette révocation ou suspension et indiquer:

1° les raisons d`agir ainsi;

2° itariki uko guteshwa agaciro cyangwa guhagarikwa bigomba gutangira kubahirizwa;

3° igihe guhagarikwa bimara cyangwa igisabwa kugira ngo cyongere gikoreshwe.

Ikigo gishyiraho uburyo umuntu azahabwa umwanya wo kwisobanura.

**<u>Ingingo ya 63</u>: Kujuririra icyemezo cy'Ikigo**

Umuntu ubangamiwe n'icyemezo cya nyuma cy'Ikigo ashobora kujuririra icyo cyemezo ku Kanama k'ubujurire kigenga

Hashingiwe ku bujurire bwagashyikirijwe, Akanama k'ubujurire kigenga gashobora gukuraho cyangwa guhindura icyemezo cy'Ikigo cyangwa gutanga imirongo ngenderwaho katabogamye.

Icyemezo cy'Akanama k'ubujurire kigenga gishobora kujuririrwa mu nkiko.

Icyemezo cy'Ikigo ntigihita giteshwa agaciro mbere y'umwanzuro w'ubujurire ubwo aribwo bwose buvugwa muri iyi ngingo.

**<u>Ingingo ya 64:</u> Uburyozwe bw'umuntu wahawe icyemezo cyo gukora kubera ibikorwa by'umuhagarariye**

Gukora igikorwa nabi cyangwa kutagikora k'uhagarariye, umukozi cyangwa undi muntu

2° the date on which the revocation or suspension takes effect;

3° the duration of a suspension, or the requirement for its reuse.

The Authority prescribes the manner in which a person shall be given an opportunity to be heard.

**<u>Article 63:</u> Appeal against the decision of the Authority**

A person aggrieved by the final decision of the Authority may appeal against the decision to the Independent Review Panel.

The Independent Review Panel may, on an appeal made to it, reverse or vary the decision of the Authority or provide fair guidelines.

The decision of the Independent Review Panel may be subject to appeal in courts.

The decision of the Authority is not stayed before the decision on any appeal referred to under this Article.

**<u>Article 64:</u> Liability of licenced person for acts of his/her representative**

Poor performance or omission of a representative, agent or other person acting on

2° la date à laquelle la révocation ou la suspension sort ses effets;

3° la durée de suspension ou la condition de sa réutilisation.

L'Autorité prévoit la façon dont une personne bénéficiera de l`occasion d'être entendu.

**<u>Article 63:</u> Recours contre la décision de l'Autorité**

Toute personne qui s`estime lésée par la décision finale de l'Autorité peut former un recours contre cette décision auprès du Comité de recours indépendant.

Le Comité de recours indépendant peut, suite à un appel qui lui est adressé, annuler ou modifier la décision de l'Autorité ou donner objectivement des directives.

La décision du Comité de recours indépendant peut faire l'objet d'appel auprès des juridictions.

La décision de l'Autorité n'est pas suspendue avant la décision relative à tout recours visé au présent article.

**<u>Article 64:</u> Responsabilité d`un détenteur de licence pour les actes de son représentant**

Une mauvaise prestation ou une omission d'un représentant, un agent ou toute autre personne

uhagarariye umuntu wahawe icyemezo cyo gukora ufite izo nshingano cyangwa wahawe akazi na we bibazwa umuntu wahawe icyemezo cyo gukora, umuhagarariye, umukozi cyangwa undi muntu.

**UMUTWE WA VIII: IBARURAMARI N'IGENZURAMUTUNGO BIKORWA N'UMUHUZA MU BY'UBUCURUZI BW'IBICURUZWA BY'IBANZE N'AMASEZERANO ABIKOMOKAHO**

**Ingingo ya 65: Ibaruramari n'ibitabo bigomba kubikwa**

Umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho utari uhagarariye agomba kuzuza ibitabo by'ibaruramari n'izindi nyandiko nk'uko byagaragajwe, akanasobanura mu buryo bwumvikana ibikorwa byaba ibyakozwe ku giti cye cyangwa byarakozwe n'abandi n'uburyo imari y'ubucuruzi bwe ihagaze kandi bigakorwa gutyo kugira ngo:

1° bigaragaze mu buryo bwuzuye kandi igihe cyose uko imari ihagaze;

2° bitume ategura mu buryo nyakuri kandi butabogamye, ifoto y'umutungo, ifoto y'inyungu n'igihombo mu gihe icyo ari cyo cyose;

3° agaragaza ko afite imari ihagije kugira ngo abashe kuzuza ibisabwa mu

behalf of a licenced person within the scope of his/her office or employment is attributable to the licenced person, his/her representative, the agent or other person.

**CHAPTER VIII: ACCOUNTS AND AUDIT CARRIED OUT BY A COMMODITY EXCHANGE AND RELATED CONTRACTS MARKET INTERMEDIARY**

**Article 65: Accounts and records to be kept**

A commodity exchange and related contracts market intermediary other than a representative must keep accounting records and other documents as indicated and explain clearly the transactions whether effected on his/her own behalf or on behalf of others, and financial position of his/her commodity exchange trading so as to:

1° disclose with accuracy, at any time, his/her financial position;

2° enable him/her to prepare a true and fair balance sheet and profit and loss account at any time;

3° demonstrate whether he/she has adequate financial resources to meet

agissant pour le compte d'un détenteur de licence dans le cadre de ses fonctions ou de son emploi sont imputables au détenteur de licence, au représentant, à l'agent ou à toute autre personne.

**CHAPITRE VIII: COMPTES ET AUDIT EFFECTUES PAR UN INTERMEDIAIRE EN NEGOCIATION DE PRODUITS DE BASE ET CONTRATS CONNEXES**

**Article 65: Comptes et registres à tenir**

Un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes autre qu'un représentant doit tenir les livres comptables et d'autres documents tel qu'indiqué et expliquer de façon compréhensible les opérations, qu`elles soient effectuées à son propre compte ou au compte d`autrui, ainsi que la situation financière de ses négociations de produits de base en vue de :

1° révéler avec exactitude, à tout moment, sa situation financière;

2° le rendre capable de préparer un bilan vrai et juste, ainsi que le compte des pertes et profits à tout moment;

3° prouver qu`il dispose des ressources financières suffisantes pour répondre

bucuruzi no guhangana n'ibibazo ubucuruzi bushobora guhura na byo.

Ifoto y'umutungo, ifoto y'inyungu n'igihombo n'ibindi bitabo bigomba kubikwa nk'uko bisabwa.

Inshingano zivugwa muri iri tegeko ni inshingano zihoraho kandi zikomeza gukurikizwa nk'uko bisabwa kugira ngo hizerwe neza ko ibitabo byuzuzwa buri munsi.

Amakuru asabwa kwandikwa mu bitabo by'ibaruramari hakurikijwe iri tegeko agomba:

1° kwandikwa mu buryo butuma ubucuruzi bwakozwe bugaragazwa igihe cyose kandi bugakurikiranwa kuva ku igurisha kugeza ku iyishyurana;

2° gutunganywa, gushyirwa mu madosiye, gushyirwaho nimero n'indangabubiko kugira ngo kuyabona byorohe.

Ibaruramari n'ibindi bitabo bisabwa kugira ngo bibikwe hakurikijwe iyi ngingo bigomba kubikwa n'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu gihe kitari munsi y'imyaka icumi (10) uhereye ku itariki byakoreweho, kandi igihe cyose ari ngombwa bikaba bifunguye kugira ngo bigenzurwe n'Ikigo

his/her commodity exchange trading requirements and withstand the risks to which his/her business is subject.

The balance sheet, the profit and loss account and other records must be maintained as may be prescribed.

The obligations referred to under this Law are continuing obligations and continuous fulfilment of them is required so as to ensure that records are updated daily.

Information required to be recorded in accounting records in accordance with this Law must:

1° be recorded in such a way as to enable a particular trading to be identified at any time and traced through from initiation of the order to final payment;

2° be arranged, filed, indexed and cross-referenced so as to permit easy access to the information.

The accounting records and other documents required to be maintained in accordance with this Article must be preserved by the commodity exchange and related contracts market intermediary for a period of not less than ten (10) years from the date on which they are carried out, and are at all reasonable times open to inspection by the Authority or by an auditor appointed by the Authority.

aux exigences de négociations et faire face aux risques auxquels ses négociations sont soumises.

Le bilan, le compte des profits et des pertes ainsi que d'autres registres doivent être tenus comme prescrit.

Les obligations visées à la présente loi le sont de manière continue et leur accomplissement continuel est nécessaire pour assurer la mise à jour quotidienne des registres.

Les informations qu'il faut enregistrer dans les livres comptables conformément à la présente loi doivent:

1° être enregistrées de telle manière à permettre l`identification d'une négociation particulière à tout moment et à faire son suivi dès la commande jusqu'au paiement final;

2° être disposées, classées, répertoriées et recoupées pour permettre l`accès facile aux informations.

Les livres comptables et d'autres registres qui doivent être tenus conformément au présent article doivent être conservés par l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes pour une période d'au moins dix (10) ans à compter de la date à laquelle ils sont effectués, et sont ouverts, à tout moment raisonnable, à l'inspection par l'Autorité ou par un auditeur nommé par celle-ci.

cyangwa umugenzuzi w'imari washyizweho n'Ikigo.

**<u>Ingingo ya 66:</u> Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari bikozwe n'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Nyuma y'ukwezi kumwe (1) ahawe icyemezo cyo gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho utari uhagarariye agomba gushyiraho umugenzuzi w'imari kugira ngo yuzuze inshingano zisabwa umugenzuzi w'imari w'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Umuntu ugomba gushyirwaho nk'umugenzuzi w'imari w'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agomba kuba ari umubaruramari w'umwuga ufite uburambe mu kazi kandi akora uwo mwuga.

Umugenzuzi w'imari w'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ushyirwaho ntagomba kuba ari:

1° umuyobozi mukuru, umuyobozi usanzwe, umukozi, umunyamigabane cyangwa umufatanyabikorwa w'umuhuza mu bucuruzi

**<u>Article 66:</u> Appointment of an auditor by a commodity exchange and related contracts market intermediary**

Within one (1) month after becoming licenced, a commodity exchange and related contracts market intermediary other than a representative must appoint an auditor to perform the functions required of an auditor of a commodity exchange and related contracts market intermediary.

A person to be qualified for appointment as the auditor of a commodity exchange and related contracts market intermediary must be an experienced and practising chartered accountant.

An auditor of a commodity exchange and related contracts market intermediary shall be eligible for appointment if he is not:

1° a director general, a director, an agent, a shareholder or a partner of the commodity exchange and related contracts market intermediary;

**<u>Article 66</u>: Désignation d'un auditeur par un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes**

Dans un délai d`un (1) mois après l`obtention d`une licence, un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes autre qu`un représentant doit désigner un auditeur pour jouer le rôle d'auditeur d`un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes.

Une personne qui est qualifiée comme auditeur de l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes doit être un expert-comptable expérimenté et pratiquant.

Un auditeur d'un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes n'est pas admissible à l'engagement s`il est:

1° un directeur général, un directeur, un agent, un actionnaire ou un partenaire d'un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes;

bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

2° umufatanyabikorwa cyangwa umukozi w'umwe muri bo.

Umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agomba:

1° kuba yamenyesheje Ikigo izina n'aho umugenzuzi w'imari abarizwa abinyujije mu nyandiko, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) umugenzuzi w'imari ashyizweho;

2° kumenyesha Ikigo ivanwaho cyangwa iyegura ry'umugenzuzi w'imari mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) avanyweho cyangwa yeguye.

**<u>Ingingo ya 67:</u> Raporo y'igenzuramari ishyikirizwa Ikigo**

Umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho agomba, mu mwaka w'ibaruramari uhera umunsi atangiriyeho gukora ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho n'imyaka ikurikiraho, gutegura ifoto y'inyungu n'igihombo, ifoto y'umutungo n'inyandiko igaragaza uko amafaranga yinjira byakozwe kugeza umunsi wa nyuma w'umwaka w'ibaruramari kandi bikaba

2° a partner or agent of one of such persons.

A commodity exchange and related contracts market intermediary must:

1° notify the Authority in writing of the name and address of the auditor, within a period not exceeding seven (7) days of the appointment of an auditor;

2° notify the Authority in writing of the removal or resignation of an auditor within a period not exceeding seven (7) days of removal or resignation.

**<u>Article 67</u>: Audited accounts report to be lodged with the Authority**

A commodity exchange and related contracts market intermediary must, for the financial year beginning on the day on which he/she commences to carry on commodity exchange trading and for subsequent years, prepare a profit and loss account, a balance sheet and a cash flow statement made up to the last day of the financial year which are clear and true, and contain required information.

2° un partenaire ou employé de l'une de ces personnes.

Un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes doit:

1° notifier l'Autorité par écrit du nom et de l'adresse de cet auditeur, dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de la date de désignation d'un auditeur;

2° notifier l'Autorité par écrit du renvoi ou de la démission d`un auditeur dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter de la date de renvoi ou de démission.

**<u>Article 67:</u> Rapport des comptes audités à déposer auprès de l'Autorité**

Un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes doit, pour l`exercice comptable qui débute au jour où il commence à mener ses négociations sur la bourse des produits de base et pour les années suivantes, préparer un compte de profits et pertes, un bilan et un état des flux de trésorerie établis jusqu'au dernier jour de l'exercice comptable, qui donnent une image claire et juste, et contiennent les renseignements requis.

bigaragara neza kandi ibikubiyemo ari ukuri, hakubiyemo amakuru asabwa.

Izo nyandiko zishyikirizwa Ikigo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) umwaka w'ibaruramari urangiye kandi bigaherekezwa na raporo y'umugenzuzi w'imari igaragaza uko abona ayo mafoto y'umutungo n'ibitabo by'ibaruramari nk'uko bisabwa.

**Ingingo ya 68: Kumenyesha Ikigo amakuru umugenzuzi w'imari yamenye mu igenzura**

Iyo umugenzuzi w'imari mu mirimo ashinzwe amenye amakuru ayo ari yo yose ashobora kugira ingaruka mbi ku mari y'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ku buryo bugaragara cyangwa agatahura ibimenyetso bigaragaza kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko bijyanye no gucunga imitungo y'umukiriya, cyangwa ifoto y'umutungo, ifoto y'inyungu n'igihombo n'ibitabo by'ibaruramari bigomba kuzuzwa, agomba kumenyesha Ikigo, binyujijwe mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye igihe yamenye ayo makuru, agashyikiriza kopi umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Those documents are lodged with the Authority not later than three (3) months after the end of the financial year, together with an auditor's report which expresses his/her opinion on those balance sheets and accounting records as may be prescribed.

**Article 68: Communication from the auditor to the Authority of information which he/she noted at the audit**

If, during the performance of his/her duties, an auditor becomes aware of any matter which in his/her opinion adversely affects the financial position of the commodity exchange and related contracts market intermediary to a material extent or discovers evidence of a contravention of the provisions of this Law relating to the management of client assets, or to the balance sheet, profit and loss account and accounting records to be kept, he/she must, within a period not exceeding seven (7) days as of the date on which he/she was aware of the matter, report it in writing to the Authority, with a copy to the commodity exchange and related contracts market intermediary.

Ces documents sont déposés auprès de l'Autorité au plus tard trois (3) mois après la fin de l'exercice comptable et accompagnés du rapport de l'auditeur qui exprime son opinion sur ces bilans et registres comptables tel que prescrit.

**Article 68: Communication à l'Autorité par l'auditeur d'informations dont il a pris connaissance lors de l'audit**

Si, dans l`exercice de ses fonctions, un auditeur prend connaissance de toute information qui, à son avis, affecte négativement la situation financière de l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes à un degré important ou découvre la preuve d'une violation des dispositions de la présente loi par rapport à la gestion des actifs du client, ou au bilan, aux comptes de pertes et profits et aux registres comptables à tenir, il doit, dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours à compter du jour où il a pris connaissance de cette information, en faire rapport par écrit à l'Autorité et réserver une copie à l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes.

**<u>Ingingo ya 69:</u> Ishyirwaho ry'umugenzuzi w'imari bikozwe n'Ikigo**

Iyo Ikigo kibona ko gushyiraho umugenzuzi w'imari ari inyungu rusange, gishobora kumushyiraho umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho atabanje kugishwa inama kugira ngo asuzume, agenzure ndetse anakore raporo muri rusange cyangwa ku kintu cyose kijyanye n'ibitabo, ifoto y'umutungo n'izindi nyandiko z'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, ndetse no ku mafaranga, ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa undi mutungo umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa undi muntu wemejwe n'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho abikiye undi muntu uwo ari we wese, bigakorwa iyo:

1° umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho yananiwe gutanga raporo y'umugenzuzi w'imari;

2° Ikigo cyahawe raporo y'umugenzuzi w'imari itujuje ibisabwa byose;

3° Ikigo gifite impamvu cyumva ko umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho atubahirije ibiteganywa n'iri tegeko

**<u>Article 69:</u> Appointment of an auditor by the Authority**

Where the Authority is satisfied that it is in the public interest to do so, it may appoint in writing an auditor without consulting the commodity exchange and related contracts market intermediary to examine, audit, and report, either generally or in relation to any matter relating to records, balance sheet and other documents of the commodity exchange and related contracts market intermediary, and to money, securities or other property held on account of any other person by the commodity exchange and related contracts market intermediary or by a person approved by the commodity exchange and related contracts market intermediary, if :

1° the commodity exchange and related contracts market intermediary has failed to lodge an auditor's report;

2° the Authority has received an auditor's report which does not fulfil all requirements;

3° the Authority has reason to believe that the commodity exchange and related contracts market intermediary has failed to comply with the provisions of this Law relating to

**<u>Article 69:</u> Nomination d'un auditeur par l'Autorité**

Lorsque l'Autorité est convaincu que c`est dans l`intérêt public d`ainsi faire, il peut, par écrit, engager un auditeur sans consulter l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes en vue d`examiner, auditer et faire un rapport, soit de manière générale, soit en rapport avec toute question relative aux livres, au bilan et à d'autres documents de l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes, ainsi qu'à l`argent , aux titres ou autres biens tenus pour le compte de quelqu`un par l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes ou par une personne approuvée par l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes, si:

1° l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes n'a pas pu présenter un rapport d'un auditeur;

2° l'Autorité a reçu un rapport qui ne remplit pas toutes les conditions requises;

3° l'Autorité a des raisons de croire que l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes n'a pas pu se conformer aux dispositions de

bijyanye no gucunga umutungo w'umukiriya cyangwa gutegura neza inyandiko z'umutungo n'ibitabo.

**UMUTWE WA IX: AMAKURU, IGENZURA N'IPEREREZA**

**Ingingo ya 70: Gusaba amakuru bikozwe n'Ikigo**

Ikigo gishobora gusaba umuntu wahawe icyemezo kugiha amakuru, kibinyujije mu nyandiko, kugira ngo cyuzuze inshingano zacyo nk'uko kibisabwa, agatangwa mu gihe kigenwa n'Ikigo kandi akaba ari amakuru agenzuwe neza.

Inshingano zo gutanga amakuru zigomba kubahirizwa hakurikijwe iri tegeko.

**Ingingo ya 71: Igenzura**

Ku mpamvu zo kugenzura neza niba umuntu wahawe icyemezo cyo gukora cyangwa wigeze kugihabwa akurikiza, yarakurikije ibiteganywa cyangwa ibisabwa n'iri tegeko, amabwiriza cyangwa ibisabwa mu cyemezo cyo gukora cye, Ikigo gishobora kugenzura ibitabo cyangwa inyandiko iyo ari yo yose ijyanye n'ubucuruzi yaherewe icyemezo cyo gukora.

the management of client assets or the keeping of asset accounts and records.

**CHAPTER IX: INFORMATION, INSPECTION AND INVESTIGATION**

**Article 70: Request for information by the Authority**

The Authority may, by notice in writing, require a licenced person to provide it with well verified information as it may require for the exercise of its functions within such period as the Authority may specify.

The duty to supply information must be fulfilled in accordance with this Law.

**Article 71: Inspection**

For the purpose of ascertaining whether a person who is, or at any time has been, a licenced person is complying or has complied with any provision of or requirement of this Law or regulations, or the terms and conditions of his/her licence, the Authority may inspect any record or document relating to the trading to which the licence applies.

la présente loi concernant la gestion des actifs des clients ou la tenue de comptes des actifs et de registres.

**CHAPITRE IX: INFORMATION, INSPECTION ET ENQUETE**

**Article 70: Demande d'information par l'Autorité**

L'Autorité peut, par avis écrit, demander à un détenteur de licence de lui donner dans un délai déterminé par l'Autorité des informations bien vérifiées nécessaires pour l`exercice de ses fonctions.

Le devoir de donner les informations doit être rempli conformément à la présente loi.

**Article 71: Inspection**

Dans le but de déterminer si une personne qui est ou qui a été détenteur d'une licence se conforme ou s'est conformée aux dispositions ou aux conditions de la présente loi ou des règlements, ou aux termes et conditions de sa licence, l'Autorité peut effectuer l'inspection de tout registre ou document relatifs aux négociations auxquels la licence s`applique.

Ikigo gishobora guha umuntu uburenganzira gikoresheje inyandiko bwo gukoresha ububasha bw'Ikigo buvugwa muri iyi ngingo.

Mu gihe yahawe ububasha bw'Ikigo buvugwa muri iyi ngingo, umuntu wahawe uburenganzira ashobora:

1° kwinjira aho umuntu wahawe icyemezo cyo gukora akorera;
2° gusaba umuntu wahawe icyemezo cyo gukora cyangwa undi muntu akeka ko afite ibitabo byose cyangwa inyandiko yose yavuzwe haruguru cyangwa ubifiteho uburenganzira ko yabimwereka;
3° gukorera igenzura umuntu wahawe icyemezo cyo gukora cyangwa undi muntu afite impamvu zituma akeka ko afite amakuru ajyanye n'igitabo cyose cyangwa inyandiko yose byavuzwe haruguru bijyanye n'igikorwa cy'ubucuruzi cyangwa igikorwa cyakozwe n'umuntu wahawe icyemezo cyo gukora mu gihe cy'ubucuruzi cyangwa gishobora kuba cyagira icyo kibuhinduraho;
4° kugenzura izo nyandiko, gukora kopi zo gutwara igihe ari ngombwa.

Ku mpamvu z'igenzura rivugwa muri iyi ngingo, umuntu wahawe icyemezo cyo gukora cyangwa undi muntu wavuzwe haruguru agomba kureka umuntu wahawe uburenganzira

The Authority may authorise in writing any person to exercise the powers of the Authority referred to under this Article.

In the exercise of the powers of the Authority referred to under this Article, an authorized person may:

1° enter the premises of the licenced person;
2° require the licenced person or any other person whom he/she believes is in possession of or has under his/her control, any record or document referred to above, to produce it to him/her;
3° make inquiries of a licenced person or any other person whom he/she has reasonable cause to believe has information relating to any record or document, referred to above, concerning any transaction or activity which was undertaken in the course of, or which may affect, the business conducted by the licenced person;
4° inspect and, where necessary, make copies of such documents.

For the purpose of an inspection referred to under this article, the licenced person or other person mentioned above must afford an authorized person access to the records or

L'Autorité peut autoriser, par écrit, toute personne à exercer les pouvoirs de l'Autorité visés au présent article.

Dans l'exercice des pouvoirs de l'Autorité visés au présent article, une personne autorisée peut:

1° entrer dans les locaux d'un détenteur de licence;
2° demander à un détenteur de licence ou toute autre personne qu`elle croit détenir ou avoir sous sa responsabilité tout registre ou document visé ci-haut de le lui présenter;
3° prendre des renseignements auprès d`un détenteur de licence ou de toute autre personne qu`il croit disposer d`informations concernant les registres ou documents évoqués ci-haut en rapport avec toute opération ou activité menée au cours des négociations effectués par le détenteur de licence ou qui peut les affecter;
4° inspecter et, le cas échéant, faire les copies de ces documents.

Aux fins de l`inspection visée au présent article, le détenteur de licence ou toute autre personne citée ci-haut doit permettre un accès aux registres ou documents tel que requis par l`inspection et

akabona ibitabo cyangwa inyandiko zisabwa mu igenzura, ndetse akanamuha ibyo bitabo cyangwa inyandiko igihe yaba abisabye.

**<u>Ingingo ya 72:</u> Iperereza**

Ikigo gishobora gusaba, kibinyujije mu nyandiko, umukozi wacyo cyangwa undi muntu gukora iperereza ku bintu byagaragajwe mu ngingo ibanza ndetse akagiha raporo y'ibyavuye muri iryo perereza.

Iyo Ikigo gifite impamvu zituma cyo ubwacyo cyangwa gishingiye ku kirego cyakiriye gikeka ko:

1° icyaha cyakozwe hakurikijwe ibibuzwa n'iri tegeko cyangwa amabwiriza;

2° umuntu wahawe icyemezo cyo gukora ashobora kuba yanyereje amafaranga, yagaragayeho uburiganya, ibikorwa bitemewe n'amategeko cyangwa imyitwarire mibi mu bijyanye n'ubucuruzi bwe;

3° uburyo umuntu wahawe icyemezo cyo gukora yakoze cyangwa akora ubucuruzi bwe bibangamiye inyungu z'umukiriya cyangwa inyungu rusange.

documents as may be required for the inspection, and must produce to the authorized person such records or documents as he/she may require.

**<u>Article 72</u>: Investigation**

The Authority may in writing direct its employee or any other person to investigate any of the matters referred to in the preceding Article and to report the results of the investigation to the Authority.

If the Authority has reasonable cause to believe, either on its own motion or as a result of a complaint received, that:

1° an offence has been committed in accordance with restrictions this Law or any regulations;

2° a licenced person may have engaged in defalcation, fraud, unlawful acts or other misconduct in connection with his/her commodity exchange business;

3° the manner in which a licenced person has engaged or is engaging in his commodity exchange trading is not in the interest of the consumer or the public interest.

doit présenter à la personne autorisée ces registres et informations au cas où elle en fait la demande.

**<u>Article 72:</u> Enquêtes**

L'Autorité peut, par écrit, instruire son employé ou une autre personne d'enquêter sur les éléments évoqués dans l`article précédent et de remettre un rapport d`enquête à l'Autorité.

Lorsque l'Autorité est d`avis, soit de sa propre initiative, soit partant d`une plainte reçue, que:

1° l'infraction a été commise conformément aux restrictions de la présente loi ou des règlements;

2° un détenteur de licence peut s`être engagé dans un détournement, une fraude, des actes illégaux, ou une inconduite en rapport avec ses activités de négociation de produits de base;

3° la façon dont le détenteur de licence s'est engagé ou s`engage dans ses activités de négociation de produits n`est ni dans l`intérêt du consommateur ni dans l`intérêt public.

Umuntu wese ukekwaho n'ukora iperereza kuba afite uburenganzira ku nyandiko zikubiyemo cyangwa zishobora kuba zikubiyemo amakuru iperereza rivugwa muri iyi ngingo ribona ko ari ingenzi, cyangwa ukekwaho kuba afite ayo makuru cyangwa ayafiteho uburenganzira, agomba:

1° kwereka ukora iperereza n'inyandiko iyo ari yo yose yasabwe n'ukora iperereza ry'ingenzi cyangwa rishobora kuba ari ingenzi mu iperereza kandi akaba ayifite cyangwa ayifiteho uburenganzira, akabikorera kandi ku gihe n'ahantu hagenwe nk'uko yabisabwe n'ukora iperereza binyujijwe mu nyandiko;

2° guha ukora iperereza ibisobanuro cyangwa andi makuru arambuye ku bijyanye n'igitabo cyose cyangwa inyandiko yose ivugwa mu gace ka mbere igihe ukora iperereza yabisabye;

3° kwitaba ukora iperereza ku gihe n'ahantu nk'uko yabisabwe binyujijwe mu nyandiko kandi agasubiza akoresheje ukuri kose ndetse n'ubushobozi bwe bwose ibibazo byose bigize iperereza nk'uko ari bubibazwe n'ukora iperereza kandi akabikora nk'uko yabyemeye mu nyandiko;

Any person who is reasonably suspected by the investigator to have under his/her control any document which contains, or which is likely to contain, information relevant to the investigation under this Article, or who is so suspected by the investigator of otherwise having such information in his possession or under his control, must:

1° produce to the investigator, within the time and at the place as the investigator requires in writing, any document specified by the investigator which is, or may be, relevant to the investigation, and which is in his possession or under his control;

2° if required by the investigator, give him/her an explanation or further particulars in respect of any record or document referred to under Item One;

3° attend before the investigator at the time and place the investigator requires in writing, and answer truthfully and to the best of his/her ability any question relating to the matters under investigation as the investigator may put to him/her and as he/she committed in writing;

Toute personne que l`enquêteur soupçonne d'avoir sous son contrôle des documents qui contiennent ou pourraient contenir des informations utiles à une enquête en vertu du présent article, ou que l'enquêteur soupçonne de posséder ou d'avoir sous son contrôle de telles informations, doit:

1° présenter à l`enquêteur, dans le délai et sur le lieu demandés par l'enquêteur par écrit tous les documents précisés par ce dernier, lesquels sont ou peuvent être utiles à l`enquête, et qui sont en sa possession ou sous son contrôle;

2° si l'enquêteur en fait la demande, lui donner des explications ou d`autres renseignements à l`égard de tout registre ou document visé au point premier;

3° se présenter devant l`enquêteur au lieu et moment indiqués par celui-ci par écrit et répondre de manière véridique, le mieux possible et selon son engagement par écrit à toute question en rapport avec l'enquête que l`enquêteur peut lui poser;

4° guha ukora iperereza ubufasha bwose ashobora gutanga bujyanye n'iperereza, burimo no gusubiza ibibazo byanditse abazwa n'ukora iperereza.

Ukora iperereza agomba guha Ikigo raporo y'ibyavuye muri iryo perereza.

**<u>Ingingo ya 73:</u> Kwangiza inyandiko**

Haseguriwe ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese wangiza inyandiko, uyigana, uyihisha cyangwa akayijugunya cyangwa agatuma yangizwa cyangwa agatanga uruhushya rwo kuyangiza, kuyigana, kuyihisha cyangwa kuyijugunya kandi azi ko ikenerwa mu gihe cy'igenzura cyangwa cy'iperereza rivugwa muri iri tegeko, aba akoze icyaha.

**<u>UMUTWE WA X</u>: KWICA AMATEGEKO Y'ISOKO RY'IBICURUZWA BY'IBANZE N'AMASEZERANO ABIKOMOKAHO**

**<u>Ingingo ya 74:</u>Ubucuruzi bw'uburiganya**

Umuntu ntiyemerewe gushyiraho cyangwa ngo atume habaho cyangwa ngo akore ikintu kigamije gushyira ubucuruzi bw'uburiganya cyangwa buyobya mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, kuriganya gushingiye k'ugutanga igiciro kitari cyo bijyanye n'amasezerano y'ibicuruzwa agenga

4° provide the investigator all assistance in connection with the investigation which he/she is reasonably able to give, including responding to any written question raised by the investigator.

The investigator must submit to the Authority the investigation report.

**<u>Article 73:</u> Destruction of documents**

Subject to the provisions of the Penal Code, a person who destroys, falsifies, conceals or disposes of any document, or causes or permits the destruction, falsification, concealment or disposal of, any document, which he/she knows is relevant to an inspection or an investigation referred to under this Law, commits an offence.

**<u>CHAPTER X</u>: ABUSE OF COMMODITY EXCHANGE AND RELATED CONTRACTS**

**<u>Article 74:</u> False trading**

No person shall create or cause to be created, or do anything that is calculated to involve false or misleading trading in a commodity contract on a commodity exchange and related contracts, or a false trading with respect to false price in commodity contracts on commodity exchange and related contracts.

4° apporter à l`enquêteur toute l`assistance qu`il est en mesure de donner dans le cadre de l`enquête dont la réponse aux questions écrites posées par l`enquêteur.

L'enquêteur doit transmettre à l'Autorité les résultats de l'enquête.

**<u>Article 73</u>: Destruction des documents**

Sous réserve des dispositions du Code Pénal, une personne qui détruit, falsifie, dissimule ou élimine un document ou cause ou permet la destruction, la falsification, la dissimulation ou l`élimination de tout document qu`elle sait utile à l'inspection ou à l`enquête visée à la présente loi, commet une infraction.

**<u>CHAPITRE X</u>: ABUS DE LA BOURSE DES PRODUITS DE BASE ET CONTRATS CONNEXES**

**<u>Article 74:</u> Négociation fausse**

Nul ne doit créer ou causer la création ou faire une chose prévue pour impliquer une négociation fausse ou trompeuse dans un contrat de négociation de produits de base à une bourse des produits de base et contrats connexes ou une négociation fausse par rapport à un faux prix dans les contrats régissant la bourse des produits de base et contrats connexes.

isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Uburiganya n'ukuyobya mu bucuruzi bikubiye mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho bishobora kubaho nk'uko bivugwa muri iyi ngingo, igihe umuntu agaragaje ko yubahirije amabwiriza yo kugura cyangwa kugurisha bijyanye n'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze ajyanye n'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kandi mu by'ukuri ataraguze cyangwa ngo agurishe amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nkuko biteganywa n'amabwiriza y'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

A false and misleading trading in a commodity contract is created as provided for in this Article, if a person holds himself/herself out as having executed an order for the purchase or sale of a commodity contract on commodity exchange and related contracts, without having effected a bona fide purchase or sale of the commodity contract in accordance with the rules and practices of the commodity exchange and related contracts.

Une négociation fausse et trompeuse dans un contrat de produits de base est opérée tel que prévu dans le présent article, si une personne se présente comme ayant exécuté une commande pour l`achat ou la vente d`un contrat de produits de base à une bourse des produits de base et contrats connexes, sans avoir réellement effectué une vente ou un achat du contrat de produits de base selon les règles et pratiques de la bourse des produits de base et contrats connexes.

**<u>Ingingo ya 75:</u> Kuriganya umukiriya**

Umuntu ntiyemerewe kuvuga ko yacuruje cyangwa ngo yitware nk'uwacuruje amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho kandi atarigeze mu by'ukuri agura cyangwa ngo agurishe ayo masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze nk'uko biteganywa n'amabwiriza y'isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

**<u>Article 75:</u> Bucketing**

No person shall execute, or hold himself/herself out as having executed a commodity contract on the commodity exchange and related contracts, without having effected a bona fide purchase or sale of the commodity contract in accordance with the rules and practices of the commodity exchange and related contracts.

**<u>Article 75:</u> Escroquerie contre un client**

Nul ne peut exécuter ou se présenter comme ayant exécuté un contrat de produits de base à une bourse des produits de base et contrats connexes, sans avoir effectué un achat ou une vente authentique d`un contrat des produits de base conformément aux règles et pratiques de la bourse des produits de base et contrats connexes.

**<u>Ingingo ya 76:</u> Guhindura igiciro kiri mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze no kwiharira isoko**

Mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, umuntu ntiyemerewe:

**<u>Article 76:</u> Manipulation of price in a commodity contract and cornering**

No person shall, directly or indirectly:

**<u>Article 76:</u> Manipulation de prix dans un contrat de produits de base et monopolisation du marché**

Nul ne peut, directement ou indirectement :

1° kugerageza guhindura cyangwa guhindura igiciro kiri mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze gishobora gucuruzwa ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho cyangwa cy'igicuruzwa cyose kiri mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze;

2° kugerageza kwiharira cyangwa kwiharira igicuruzwa kiri mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze.

**<u>Ingingo ya 77:</u> Kwifashisha ibikoresho mu kuriganya cyangwa mu gutanga amakuru atari yo**

Mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, umuntu ukorana ibikorwa by'ubucuruzi bikubiye mu masezerano y'ibicuruzwa n'undi muntu ntiyemerewe:

1° gukoresha igikoresho icyo ari cyose cyangwa uburyo ubwo ari bwo bwose bugamije kuriganya undi muntu;

2° gukora igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa kugana mu nzira iyo ari yo yose y'ubucuruzi igamije kuriganya no kubeshya undi muntu;

3° gukora inyandiko iyo ari yo yose itari yo cyangwa kutagaragaza amakuru y'ingenzi yatuma ibyakozwe bifatwa nk'ukuri kandi atari ukuri.

1° manipulate or attempt to manipulate the price in a commodity contract that may be dealt with on the commodity exchange and related contracts, or of any commodity which is the subject of such commodity contract;

2° corner, or attempt to corner, any commodity which is the subject of a commodity contract.

**<u>Article 77:</u> Employment of fraudulent or deceptive devices**

No person shall, directly or indirectly, in connection with any commodity contract transaction with any other person:

1° employ any device or means to defraud another person;

2° engage in any act or course of business which operates as a fraud and a deception against another person;

3° make any untrue statement or omit to provide important information likely to cause operations to be considered as true while they are false.

1° manipuler ou essayer de manipuler le prix dans un contrat de produits de base qui doit être négocié à une bourse de produits de base et contrats connexes, ou le prix de tout produit soumis à un contrat de produits de base;

2° monopoliser, ou essayer de monopoliser tout produit qui fait l`objet d`un contrat de produits de base.

**<u>Article 77</u>: Usage d'appareils frauduleux ou trompeurs**

Nul ne peut, directement ou indirectement, dans le cadre d'une transaction prévu dans un contrat de produits de base avec une autre personne:

1° utiliser un appareil ou un moyen quelconque en vue de commettre une fraude contre une autre personne;

2° s'adonner à tout acte ou tout négociation visant une fraude et une tromperie envers une autre personne;

3° faire une fausse déclaration ou omettre de donner des informations importantes susceptibles de justifier que les transactions sont vraies alors qu'elles sont fausses.

**<u>Ingingo ya 78:</u> Gushishikariza umuntu kwinjira mu bucuruzi bukubiye mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze mu buryo butemewe**

Mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, umuntu ntiyemerewe gushishikariza cyangwa kugerageza gushishikariza undi gukora ubucuruzi bujyanye n'amasezerano y'ibicuruzwa by'ibanze iyo:

1° akora cyangwa atangaza inyandiko iyo ariyo yose, amasezerano cyangwa ibiteganyijwe igihe ubwo bucuruzi bukozwe, buyobya cyangwa bubeshya kandi akabikora azi neza ko atari byo, biyobya cyangwa bibeshya;

2° akora cyangwa atangaza inyandiko iyo ariyo yose, amasezerano cyangwa ibiteganyijwe kandi yarahishe amakuru y'ingenzi, bigatuma ibyo yakoze biyobya cyangwa bibeshya kandi abizi cyangwa yagombye kuba abizi neza ko atari byo, kubera kudatanga ayo makuru y'ingenzi;

3° yandika cyangwa abika, yaba akoresheje uburyo busanzwe, bw'ikoranabuhanga cyangwa ikindi gikoresho mu kubika amakuru butari bwo, buyobya mu buryo bugaragara.

**<u>Article 78:</u> Fraudulently inducing a person to trade in commodity contracts**

No person shall, directly or indirectly, induce or attempt to induce another person to trade in a commodity contract:

1° by making or publishing, in case the trade is made, any false, misleading or deceptive document, contract or projection which he/she knows is false, misleading or deceptive;

2° by making or publishing any document, contract or projection which, by reason of the omission of a material fact, renders his/her acts misleading or deceptive and which he/she knows or ought reasonably to have known, are false, by reason of omission of that fact;

3° by recording or storing by means of any mechanical, electronic or other storing information system that is clearly false or misleading.

**<u>Article 78</u>: Inciter frauduleusement une personne à s'engager dans les négociations de contrats de produits de base**

Nul ne peut, directement ou indirectement, inciter ou tenter d'inciter une autre personne à effectuer des transactions relatives à un contrat de produits de base :

1° en faisant ou en publiant, lorsque les transactions sont effectuées, tout document, contrat ou prévision qui est faux, trompeur ou mensonger et qu'il sait qu'il est faux, trompeur ou mensonger ;

2° en faisant ou en publiant tout document, contrat ou prévision qui, à raison d`omission d`un fait important, rend ses actes faux, trompeurs ou mensongers et qu`il sait ou devrait savoir qu'ils sont faux à raison de l`omission de ce fait important;

3° en enregistrant ou en stockant, par un moyen mécanique, électronique ou un autre système de stockage d'information qui est clairement faux ou trompeur.

**Ingingo ya 79:Uburyozwe bw'igihombo cyatejwe**

Umuntu wateje igihombo ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, agomba kuryozwa icyo gihombo cyagizwe n'umuntu wese kubera ko yaguze cyangwa yagurishije ku giciro kitari cyo kandi akishyura vuba icyo gihombo yateje hakurikijwe amabwiriza y'Ikigo.

**Article 79: Liability to pay damages**

A person who is responsible for loss at the commodity exchange and related contracts must be liable for loss sustained by any person as a result of having purchased or sold at a false price and pays for the loss he/she caused without delay in accordance with the regulations of the Authority.

**Article 79: Responsabilité en matière de dommages et intérêts**

Une personne qui a causé une perte à la bourse des produits de base et contrats connexes est tenue responsable de cette perte subie par n'importe quelle personne pour avoir acheté ou vendu à un faux prix et elle doit rapidement payer pour la perte qu'elle a causée conformément aux règlements de l'Autorité.

**UMUTWE WA XI : IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI BIHABWA ABAHUZA MU BY'UBUCURUZI BW'IBICURUZWA BY'IBANZE N'AMASEZERANO ABIKOMOKAHO**

**CHAPTER XI: ADMINISTRATIVE SANCTIONS FOR COMMODITY EXCHANGE AND RELATED CONTRACTS MARKET INTERMEDIARIES**

**CHAPITRE XI: SANCTIONS ADMINISTRATIVES DES INTERMEDIAIRES EN NEGOCIATION DE PRODUITS DE BASE ET CONTRATS CONNEXES**

**Ingingo ya 80: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho**

Ikigo gishobora gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi hakurikijwe ibisabwa n'iri tegeko, igihe:

1° umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho wagaragaweho imyitwarire mibi cyangwa wahamwe na yo;

2° Ikigo kibona ko umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze

**Article 80: Administrative sanctions in respect of commodity exchange and related contracts market intermediary**

The Authority may impose administrative sanctions according to the requirements of this Law, where:

1° a commodity exchange and related contracts market intermediary demonstrates or is guilty of misconduct;

2° the Authority is of the opinion that a commodity exchange and related

**Article 80: Sanctions administratives à l`égard de l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes**

L'Autorité peut infliger des sanctions administratives conformément aux exigences de la présente loi, lorsque :

1° un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes affiche ou est coupable de mauvaise conduite ;

2° l'Autorité est d`avis que l`intermédiaire en négociation de produits de base et

n'amasezerano abikomokaho atagifite ubushobozi kandi atagikwiye koko gukomeza kuba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bihabwa umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ni ibi bikurikira:

1° kwihanangiriza umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho mu ruhame cyangwa mu muhezo;

2° guhagarika by'agateganyo icyemezo cyo gukora cyatanze mu gihe runaka cyangwa kugeza igihe ukuri kugaragariye bitewe n'uko Ikigo cyabigena;

3° gutesha agaciro icyemezo cyo gukora cyatanze;

Ikigo gishobora gutanga ibihano by'inyongera bikurikira:

1° kwishyura Ikigo ihazabu igenwa mu mabwiriza azashyirwaho n'Ikigo;

2° kwishyura Ikigo amafaranga angana n'inyungu yagize cyangwa n'igihombo yateje;

contracts market intermediary is no longer competent or fit to remain a commodity exchange and related contracts market intermediary.

Administrative sanctions imposed on the commodity exchange and related contracts market intermediary are the following:

1° to publicly or privately reprimand the commodity exchange and related contracts market intermediary;

2° to suspend his/her licence for such period or until the truth is revealed as the Authority may specify;

3° to revoke his/her licence;

The Authority may impose the following additional sanctions :

1° to pay to the Authority a fine which is determined in the regulations to be issued by the Authority;

2° to pay to the Authority an amount equal to the amount of profit gained or loss caused by him/her;

contrats connexes n`est plus compétent ou qualifié pour demeurer un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes.

Les sanctions administratives infligées à l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes sont les suivantes :

1° réprimander publiquement ou en privé l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes ;

2° suspendre sa licence pour une durée déterminée ou jusqu'à ce que la vérité éclate suivant les modalités prévues par l'Autorité;

3° révoquer sa licence;

L'Autorité peut infliger les sanctions additionnelles suivantes :

1° payer à l'Autorité une amende qui est déterminée dans les règlements édictés par l'Autorité;

2° payer à l'Autorité un montant équivalant au montant du bénéfice gagné ou de la perte causée par lui;

3° kwishyura Ikigo amafaranga angana n'ayo cyishyuye ndetse n'ayo cyakoresheje yose kugira ngo iperereza rikorwe.

Umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho wategetswe kwishyura ihazabu agomba kuyishyura Ikigo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) cyangwa ikindi gihe Ikigo gishobora gushyiraho binyujijwe mu itangazo nyuma y'uko amabwiriza atangiye kubahirizwa. Ayo mafaranga y'ihazabu ashyikirizwa umuntu cyangwa isosiyete yahombejwe n'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Muri iyi ngingo, imyitwarire mibi igaragarira muri ibi bikurikira:

1° kutubahiriza icyo ari cyo cyose giteganywa n'iri tegeko cyangwa amabwiriza yashyizweho n'Ikigo;

2° kutubahiriza ibikubiye mu cyemezo yahawe cyangwa amabwiriza ajyanye nacyo;

3° kudashobora kubahiriza imirongo ngenderwaho y'Ikigo;

4° kuba umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho yakora

3° to pay to the Authority a sum equivalent to the costs and expenses that the Authority has reasonably incurred in relation to the investigation.

A commodity exchange and related contracts market intermediary ordered to pay a fine must pay the fine to the Authority within a period not exceeding thirty (30) days or such further period as the Authority may specify by notice, after the regulations have taken effect. Such a fine is given to a person or company that sustained the loss caused by the commodity exchange and related contracts market intermediary.

In this Article, misconduct is manifested by the following:

1° a contravention of any of the provisions of this Law or regulations made by the Authority;

2° a contravention of any of the terms or conditions of a licence or related regulations;

3° failure to comply with directions of the Authority;

4° an act or omission by a commodity exchange and related contracts market intermediary in relation to his/her

3° payer à l'Autorité le montant qu`il faut pour rembourser les coûts et dépenses encourus pour mener l'enquête.

Un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes obligé de verser une amende à l'Autorité doit le faire dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours ou dans tout autre délai précisé par avis écrit après la mise en vigueur de l`obligation. Une telle amende est donnée à la personne ou à la société ayant subi la perte causée par l'intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes.

Dans le présent article, une mauvaise conduite se manifeste par ce qui suit:

1° une violation de toutes les dispositions de la présente loi ou des règlements arrêtés par l'Autorité ;

2° une violation des termes ou conditions de la licence ou des règlements y relatifs;

3° l`incapacité de se conformer aux directives de l'Autorité;

4° un acte ou une omission d`un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes en rapport

cyangwa akareka gukora ikintu kijyanye n'ubucuruzi bwe Ikigo kibona ko cyabangamira inyungu rusange.

**Ingingo ya 81: Ibisabwa kugira ngo ububasha bwo gutanga ibihano bukoreshwe**

Ikigo ntigishobora gukoresha ububasha ubwo ari bwo bwose buvugwa muri iri tegeko kitabanje guha umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho bireba umwanya uhagije wo kwisobanura.

Ikigo gishyiraho uburyo umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ahabwa umwanya wo kwisobanura.

Iyo Ikigo gifashe icyemezo cyo gukoresha ububasha buvugwa muri uyu mutwe, kigomba kumenyesha umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho bireba ibijyanye n'icyo cyemezo binyujijwe mu nyandiko. Iyo nyandiko igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:

1° impamvu icyo cyemezo cyafashwe;

2° igihe icyo cyemezo kigomba gutangirira kubahirizwa;

3° mu buryo busobanutse ibiteganijwe kubahirizwa mu gihe cy'iteshagaciro ry'icyo cyemezo;

commodity exchange trading which, in the opinion of the Authority, is likely to be prejudicial to the public interest.

**Article 81: Procedural requirements for exercise of disciplinary powers**

The Authority shall not exercise any power referred to under this Law without first giving the concerned commodity exchange and related contracts market intermediary a reasonable opportunity of being heard.

The Authority establishes the manner in which the commodity exchange and related contracts market intermediary is given an opportunity to be heard.

If the Authority decides to exercise any power referred to under this Chapter, the Authority shall inform the concerned commodity exchange and related contracts market intermediary of its decision to do so by notice in writing. Such a notice must include the following:

1° the reasons for which the decision is made;

2° the time at which the decision must take effect;

3° in an appropriate manner the terms to be complied with during the revocation of the decision;

avec ses activités de négociation qui, de l`avis de l'Autorité, peut être préjudiciable à l`intérêt public.

**Article 81: Exigences procédurales pour l`exercice des pouvoirs disciplinaires**

L'Autorité ne peut exercer aucun pouvoir visé à la présente loi sans accorder à l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes concerné une possibilité d`être entendu.

L'Autorité établit la façon dont un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes a la possibilité de se faire entendre.

Lorsque l'Autorité décide d`exercer un pouvoir visé au présent Chapitre, il doit tenir informé l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes concerné au moyen d`un avis écrit. Cet avis doit comprendre ce qui suit:

1° les raisons pour lesquelles la décision est prise ;

2° le moment où la décision doit sortir ses effets;

3° de manière appropriée, les conditions à respecter lors de la révocation de la décision;

4° ibigomba gukurikizwa mu guhana umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho nk'uko bivugwa mu cyemezo cy'ihana;

5° amafaranga y'ihazabu agenwa n'icyemezo ndetse n'igihe asabwa kuba yishyuwe, bikagaragazwa igihe bishoboka.

Ihazabu ivugwa mu gace ka 5 itangirwa inyemezabwishyu nk'ikimenyetso ndakuka kigaragaza ko iyo hazabu yishyuwe.

**<u>Ingingo ya 82</u>: Komite ishinzwe imyitwarire**

Ikigo kigomba gushyiraho Komite ihoraho ishinzwe imyitwarire igomba kumva ndetse ikanagenera ibihano abahuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho hakurikijwe iri tegeko.

**<u>UMUTWE WA XII</u>: IBINDI BIHANO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI**

**<u>Ingingo ya 83</u>: Kutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko n'amabwiriza ajyanye naryo**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu ku giti cye unyuranya cyangwa ntabashe kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa amabwiriza yose ahanishwa ihazabu yo mu rwego

4° the terms and conditions under which the commodity exchange and related contracts market intermediary is to be punished under the decision;

5° in so far as applicable, the amount of any pecuniary penalty to be imposed under the decision and the period within which it is required to be paid.

A fine referred to under Item 5 is paid upon receipt as irrefutable proof of payment of such a fine.

**<u>Article 82</u>: Disciplinary Committee**

The Authority must establish a standing Disciplinary Committee to hear commodity exchange and related contracts market intermediaries and determine disciplinary proceedings brought against them pursuant to this Law.

**<u>CHAPTER XII:</u> OTHER ADMINISTRATIVE SANCTIONS**

**<u>Article 83:</u> Contravening this Law and related regulations**

Without prejudice to the provisions of the Penal Code, an individual person who contravenes or fails to comply with any provision of this Law or any related regulations is liable to an administrative fine of one million Rwandan

4° les conditions selon lesquelles l`intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes doit être sanctionné en vertu de cette décision;

5° dans la mesure du possible, le montant de toute amende à imposer au titre de cette décision et le délai au cours duquel le paiement doit être effectué.

Une amende visée au point 5 est payée contre récépissé comme preuve irrévocable du paiement de l'amende.

**<u>Article 82</u>: Comité de discipline**

L'Autorité doit mettre sur pied une Commission de discipline permanente pour entendre les intermédiaires en négociation de produits de base et contrats connexes et déterminer les procédures disciplinaires prises contre eux conformément à la présente loi.

**<u>CHAPITRE XII:</u> AUTRES SANCTIONS ADMINISTRATIVES**

**<u>Article 83</u>: Contrevenir à la présente loi et aux règlements connexes**

Sans préjudice des dispositions du Code Pénal, toute personne qui contrevient ou ne se conforme pas aux dispositions de la présente loi ou aux règlements y afférents est passible d'une amende administrative de un million de francs rwandais

rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1,000,000 FRW) na miliyoni eshanu (5,000,000 FRW)

Iyo ari isosiyete, yishyuzwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni icumi (10,000,000 FRW) na miliyoni mirongo itanu (50,000,000 FRW).

**Ingingo ya 84: Gutanga amakuru atari yo cyangwa ayobya**

Umuntu ku giti cye utanga inyandiko ijyanye n'ibyinjiye cyangwa izindi nyandiko izo ari zo zose nk'uko biteganywa muri iri tegeko, kandi azi neza ko atari ukuri, atari byo, cyangwa biyobya ahanishwa ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana.

Iyo ari sosiyete yishyuzwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni mirongo itanu (50,000,000 FRW) na miliyoni ijana (100,000,000 FRW).

**Ingingo ya 85: Kubangamira umuntu wuzuza inshingano ze**

Umuntu ku giti cye ubuza umukozi w'Ikigo cyangwa umuyobozi w'Ikigo cyangwa undi muntu wabiherewe uburenganzira cyangwa ukora iperereza kuzuza inshingano ze nk'uko biteganywa muri iri tegeko kandi akabikora ku bushake, ahanishwa ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana.

francs (FRW 1,000,000) to five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

In the case of a company, it is liable to an administrative fine of ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000) to fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000).

**Article 84: Furnishing untrue or misleading information**

A person who furnishes in accordance with this Law any document in respect of income or any other document the contents of which are, to his/her knowledge, untrue, incorrect or misleading, is liable to penalties provided for in the Penal Code.

In the case of a company, it is liable to an administrative fine of fifty million Rwandan francs (FRW 50,000,000) to a hundred million Rwandan francs (FRW 100,000,000).

**Article 85: Obstructing someone to fulfil his/her duties**

A person who wilfully obstructs any officer or director of the Authority, or an authorized person or investigator, in the performance of his/her duties in accordance with this Law, is liable to penalties provided for in the Penal Code.

(1.000.000 FRW) à cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Dans le cas d`une société, elle est passible d'une amende administrative de dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) à cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW).

**Article 84: Donner des informations fausses ou trompeuses**

Une personne qui donne conformément à la présente loi un document relatif aux revenus ou tout autre document dont la teneur est, à sa connaissance, fausse, inexacte ou trompeuse, est passible de sanctions prévues dans le Code Pénal.

Dans le cas d`une société, elle est passible d'une amende administrative de cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 FRW) à cent millions de francs rwandais (100.000.000 FRW).

**Article 85: Entraver une personne dans l'exercice de ses fonctions**

Une personne qui volontairement se pose en obstacle à un agent ou un directeur de l'Autorité, ou une personne autorisée ou un enquêteur , dans l'exercice de ses fonctions conformément a la présente loi, est passible de sanctions prévues dans le Code Pénal.

Iyo ari sosiyete, yishyuzwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iri hagati y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni eshanu (5,000,000 FRW) na miliyoni icumi (10,000,000 FRW).

In the case of a company, it is liable to an administrative fine of five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) to ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Dans le cas d`une société, elle est passible d'une amende administrative de cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

**UMUTWE WA XIII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**CHAPTER XIII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE XIII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Ingingo ya 86: Ukutaryozwa kw'Ikigo**

Ikigo, abayobozi n'abakozi b'Ikigo ntibagomba kuryozwa igikorwa cyose cyateza igihombo cyakozwe cyangwa kitakozwe mu gihe bari gukoresha ububasha cyangwa bari kuzuza inshingano zabo zivugwa muri iri tegeko keretse igihe igikorwa cyakozwe cyangwa kitakozwe bigambiriwe, byemejwe n'urukiko rubifitiye ububasha.

**Article 86: Non-liability of the Authority**

The Authority, directors and officers of the Authority shall not be liable for any action likely to cause damage done or omitted in the exercise of any power or duty provided for under this Law unless the act or omission is shown to have been in bad faith, upon competent court decision.

**Article 86: Non-responsabilité de l'Autorité**

L'Autorité, les directeurs et les agents de l'Autorité ne peuvent être tenus responsables de toute action susceptible de causer des dommages faite ou omise dans l'exercice de tout pouvoir ou devoir prévu en vertu de la présente loi, à moins qu`il ne soit démontré que l`acte ou l'omission ont été faits de mauvaise foi, après décision de la juridiction compétente.

**Ingingo ya 87: Ububiko bw'ibicuruzwa n'inyandiko nyemezabubiko**

Ikigo gitanga ibyemezo ku bubiko bw'ibicuruzwa, abacunga ububiko bw'ibicuruzwa n'abagenzuzi b'ububiko bw'ibicuruzwa ku mpamvu z'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

**Article 87: Warehouses and warehouse receipts**

The Authority issues licences to warehouses, warehouse operators and warehouse inspectors for the purposes of commodity exchange and related contracts.

**Article 87: Entrepôts et récépissés d'entrepôt**

L'Autorité octroie des licences aux entrepôts, aux gestionnaires et aux inspecteurs d`entrepôt aux fins de négociation à la bourse des produits de base et contrats connexes.

**Ingingo ya 88: Ububasha bw'Ikigo bwo gushyiraho amabwiriza**

Ikigo gishyiraho amabwiriza yo gushyira mu bikorwa iri tegeko.

**Article 88: Powers of the Authority to make regulations**

The Authority makes regulations for the implementation of this Law.

**Article 88: Pouvoirs de l'Autorité d'arrêter des règlements**

L'Autorité arrête des règlements d'application de la présente loi.

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo zibanziriza iyi, Ikigo gishobora gushyiraho amabwiriza agenga cyangwa ajyanye n'ibi bikurikira:

1° ubusabe bw'ibyemezo byo gukora, itangwa ry'ibyemezo byo gukora n'ibindi bijyanye na byo;

2° amahame y'ubumenyi, ubunararibonye n'amahugurwa by'abasaba kugira ngo babone ibyemezo byo gukora;

3° ibisabwa kugira ngo hakorwe ubucuruzi harimo by'umwihariko ibipimo by'ubucuruzi n'ibicuruzwa ntarengwa ku isoko ry'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

4° ifishi n'ibikubiye mu masezerano y'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, inyandiko ihamya ibyacurujwe, amasezerano y'umukiriya ndetse n'inyandiko igaragaza ibibazo ashobora guhura na byo;

5° uko ikintu cyamamaza cyanditse, gicapye cyangwa cy'amashusho kigomba kuba giteye, ibigikubiyemo ndetse n'uburyo gisakazwa hagamijwe ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho;

Without prejudice to the provisions of the previous articles, the Authority may make regulations regulating or with respect to :

1° the application for licences, the issue of licences and incidental matters;

2° the standards for the qualifications, experience and training of applicants for obtaining licences;

3° the conditions for the conduct of commodity exchange trading including in particular margin requirements and position limits on a commodity exchange and related contracts;

4° the form and content of commodity contracts, confirmation notes, client agreements and risk disclosure statements;

5° the form, content and distribution of written, printed or visual advertisement material for commodity exchange and related contracts;

Sans préjudice des dispositions des articles précédents, l'Autorité peut arrêter des règlements régissant ou relatifs à ce qui suit:

1° la demande de licences, l'octroi de licences ainsi que les questions connexes;

2° les normes de qualifications, d'expérience et de formation des demandeurs de licences pour les obtenir;

3° les conditions pour exercer les négociations de produits de base y compris particulièrement les exigences de marge et les limites de position à une bourse de produits de base et contrats connexes;

4° la forme et le contenu des contrats de produits de base, des notes de confirmation, des accords avec les clients et des déclarations d'indication de risques;

5° la forme, le contenu et la distribution des matériels de publicité écrits, imprimés ou visuels en vue des négociations de produits de base et contrats connexes;

6° amakuru agomba kuba akubiye muri raporo y'umugenzuzi w'imari itangwa agaragaza uko amafoto y'umutungo ngarukamwaka y'umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho ahagaze;

7° iyishyurwa ry'umugenzuzi w'imari washyizweho hakurikijwe iri tegeko ndetse n'amafaranga agenda ku ibaruramutungo ryakozwe hakurikijwe iri tegeko;

8° igaragazwa ry'ibyemezo byo gukora n'itangwa rya kopi;

9° ikorwa rya raporo y'umwaka cyangwa ibindi byangombwa umuntu wahawe icyemezo cyo gukora yereka Ikigo;

10° amafaranga yishyurwa ku kintu cyose gisabwa hakurikijwe iri tegeko;

11° ibikorwa n'uburyo bw'imikorere bya Komite ishinzwe imyitwarire;

12° iyemezwa ry'ububiko bw'ibicuruzwa, abacunga ububiko bw'ibicuruzwa n'abagenzuzi b'ububiko bw'ibicuruzwa ndetse n'itangwa ry'inyandiko nyemezabubiko;

13° ibintu byose bisabwa cyangwa byemewe gutangwa cyangwa biri

6° the information to be contained in auditor's report on the annual financial statements of commodity exchange and related contracts market intermediaries;

7° the remuneration of an auditor appointed in accordance with this Law and the costs of accounting carried out according to this Law;

8° the display of licences and the issue of duplicates;

9° the drafting of annual report or other documents submitted to the Authority by licenced persons;

10° the fees to be paid in respect of any matter required in accordance with this Law;

11° the practices and procedures of the Disciplinary Committee;

12° the approval of warehouses, warehouse operators and warehouse inspectors, and the issue of warehouse receipts;

13° all things which are required or permitted to be prescribed or which are

6° les informations qui doivent figurer dans le rapport de l`auditeur sur les états financiers annuels des intermédiaires en négociation de produits de base et contrats connexes;

7° la rémunération d`un auditeur engagé conformément à la présente loi et les coûts d`une comptabilité effectuée conformément à la présente loi;

8° la présentation des licences et la délivrance des duplicata;

9° l'élaboration du rapport annuel ou d'autres documents transmis à l'Autorité par les détenteurs de licences;

10° les frais à payer à l`égard de tout ce qui est requis conformément à la présente loi;

11° les pratiques et procédures du Comité de Discipline;

12° l`approbation des entrepôts, des gestionnaires et des inspecteurs d'entrepôts ainsi que l'octroi des récépissés d'entrepôt;

13° toutes les choses qui sont requises ou qu'il est permis de prescrire ou qui sont

ngombwa cyangwa bikenewe gutangwa kugira ngo iri tegeko ryubahirizwe.

Amabwiriza yose yashyizweho n'Ikigo hakurikijwe iri tegeko agomba gutangazwa ku rubuga rwa interineti rw'Ikigo no mu itangazamakuru kandi agahita atangira kubahirizwa akimara gutangazwa.

**Ingingo ya 89: Imirongo ngenderwaho ishyirwaho n'Ikigo**

Iyo Ikigo kibona ko hakenewe gushyirwaho ingamba zijyanye n'uburyo umuhuza mu bucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho akora ubucuruzi, mu rwego rwo kurinda abashoramari, Ikigo gishobora guha umuhuza mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze amabwiriza akurikizwa mu buryo rusange cyangwa bw'umwihariko kikabikora kibinyujije mu nyandiko.

Umurongo ngenderwaho watanzwe n'Ikigo ugomba kuba ujyanye n'igikorwa icyo ari cyo cyose kijyanye n'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze bukorwa n'umuhuza mu by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho.

Kutubahiriza imirongo ngenderwaho bifatwa nk'ikosa kandi bigahanirwa n'iri tegeko.

necessary to be prescribed to give effect to this Law.

All regulations made by the Authority in accordance with this Law must be published at the website of the Authority and in media and take effect immediately upon such publication.

**Article 89: Directives issued by the Authority**

Where the Authority considers that, for the protection of investors, there is a need for action with regard to the conduct by a commodity exchange and related contracts market intermediary in respect of his/her commodity exchange trading, the Authority may issue directives of a general or special nature by notice in writing to the commodity exchange and related contracts market intermediary.

A directives issued by the Authority must relate to any activity concerning the conduct of commodity exchange trading by a commodity exchange and related contracts market intermediary.

Failure to comply with directives constitutes misconduct and is punishable under this Law.

nécessaires à prescrire dans le but de donner effet à la présente loi.

Tous les règlements arrêtés par l'Autorité conformément à la présente loi doivent être publiés au site web de l'Autorité et aux médias et entrent en vigueur immédiatement à la date de leur publication.

**Article 89: Directives émises par l'Autorité**

Lorsque l'Autorité estime que, pour protéger les investisseurs, il est nécessaire de mettre en place des stratégies relatives à la manière dont un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes fait ses négociations de produits de base, l'Autorité peut donner à cet intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes des directives de nature générale ou spéciale, par le biais d`un avis écrit .

Une directive émise par l'Autorité doit porter sur toute activité relative aux négociations de produits de base effectuées par un intermédiaire en négociation de produits de base et contrats connexes.

Le défaut de se conformer aux directives constitue une faute et est punie par la présente loi.

**<u>Ingingo ya 90</u>: Komite ishinzwe kwakira ibirego**

Ikigo gishobora gushyiraho komite ihoraho ishinzwe gusuzuma ibirego.

Ububasha bw'iyi komite hakubiyemo n'ububasha bwo gutegeka gutanga inyishyu.

**<u>Ingingo ya 91:</u> Ubufatanye n'Ibigo ngenzuramikorere byo hanze y'u Rwanda**

Iyo Ikigo cyakiriye icyifuzo giturutse ku kigo ngenzuramikorere cyo hanze y'u Rwanda kigisaba ubufasha bujyanye no kuzuza inshingano zacyo cyangwa gukora iperereza ku muntu wagaragajwe n'icyo kigo ngenzuramikorere ko yarenze cyangwa arenga ku bisabwa n'icyo kigo cyangwa n'amategeko cyashyizeho cyangwa cyatanze, bijyanye n'ubucuruzi bw'ibicuruzwa by'ibanze n'amasezerano abikomokaho, Ikigo gishobora gutanga ubwo bufasha ndetse n'ubujyanye n'iperereza kigakoresha ububasha bwacyo kugira ngo hakusanywe amakuru, hakorwe igenzura n'iperereza hakurikijwe iri tegeko cyangwa kikaba cyatanga ubundi bufasha gisanga bukwiye.

Ku mpamvu zijyanye no guha ubufasha ibigo ngenzuramikorere, ibivugwa muri iri tegeko bijyanye no gukusanya amakuru, gukora igenzura n'iperereza bigomba kubahirizwa kandi bigakorwa nk'aho kutubahiriza ibisabwa n'ibigo ngenzuramikorere cyangwa amategeko

**<u>Article 90:</u> Complaints Committee**

The Authority may establish a standing complaints committee.

The powers of this committee include the power to order compensation.

**<u>Article 91:</u> Cooperation with regulators outside Rwanda**

If the Authority receives, from a regulatory authority outside Rwanda, a request for assistance for the purposes of the exercise of its functions or for the purposes of investigating whether a person specified by the regulatory authority has contravened or is contravening legal or regulatory requirements which the regulatory authority has laid down or administered, in relation to commodity exchange and related contracts, the Authority may provide such assistance and the assistance to investigate the matter by exercising any of its powers for collection of information, inspection and investigation in accordance with this Law or by providing other assistance as the Authority considers appropriate.

For the purpose of assistance to regulatory authorities, the provisions of this Law in respect of collecting information, inspection and investigation must, with such force as may be necessary, be complied with and have effect as if the contravention of requirements by

**<u>Article 91</u>: Comité chargé des plaintes**

L'Autorité peut mettre sur pied un comité permanent chargé des plaintes.

Les pouvoirs de ce comité comprennent le pouvoir d'ordonner une indemnisation.

**<u>Article 91</u>: Coopération avec les régulateurs en dehors du Rwanda**

Lorsque l'Autorité reçoit d`une autorité de régulation se trouvant en dehors du Rwanda une demande d'assistance aux fins d'exercice de ses fonctions ou d'enquête pour vérifier si une personne désignée par cet autorité de régulation a contrevenu ou contrevient aux conditions légales ou de régulation que cet autorité de régulation a posées ou exigées, qui sont relatives aux négociations de produits de base et contrats connexes, l'Autorité peut fournir cette assistance et de l'aide pour enquêter sur l'affaire en exerçant ses pouvoirs pour la collecte des informations, l'inspection et l'enquête en vertu de la présente loi, ou en fournissant toute autre aide que l'Autorité juge convenable.

Pour le besoin d'assistance aux autorités de régulation, les dispositions de la présente loi relatives à la collecte des informations, aux inspections et aux enquêtes doivent être respectées avec toute la force nécessaire et ont même effet comme si la violation des exigences

n'amabwiriza y'ibyo bihugu ari ikosa rihanwa n'iri tegeko kandi bigahabwa uburemere bwose bushoboka.

Ibisabwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni ibi bikurikira:

1° kuba bikenewe kandi byihutirwa gutanga ubwo bufasha bwasabwe kugira ngo Ikigo kigere ku ntego zivugwa muri iri tegeko;

2° ubufasha butangwa buzatuma cyangwa buzafasha ubuhabwa kuzuza inshingano ze;

3° Ikigo cyizeye neza ko ikigo ngenzuramikorere cyo hanze y'u Rwanda kirinda amakuru y'ibanga cyahawe kandi bigakorwa mu mutekano uhagije nk'uko bikenewe.

Mu rwego rwo kugenzura niba ibisabwa byuzuye, Ikigo kigomba kumenya neza niba Ikigo ngenzuramikorere cyo mu mahanga:

1° kizishyura Ikigo amafaranga ayo ari yo yose agomba gutangwa mu gihe cyo gutanga ubufasha;

2° gishobora kandi gifite ubushake bwo gutanga ubufasha nk'ubwo mu bubasha bwacyo igihe cyaba kibusabwe n'Ikigo;

regulatory authorities or laws and regulations of those countries were a misconduct under this Law.

Requirements referred to in Paragraph One of this Article are the following:

1° it is necessary and expedient that the assistance requested should be provided in order to meet the Authority's objectives referred to under this Law;

2° the assistance will enable or assist the recipient of the assistance to perform his/her duties;

3° the Authority is satisfied that the regulatory authority outside Rwanda will provide any non-public information with confidentiality protection and appropriate security.

In deciding whether the requirements are met, the Authority must ensure whether the foreign regulatory authority :

1° will pay to the Authority any of the costs and expenses incurred in providing the assistance;

2° will be able and willing to provide reciprocal assistance within its jurisdiction in response to a comparable request for assistance from the Authority;

des autorités de régulation ou des lois et règlements de ces pays constitue une faute en vertu de la présente loi.

Les conditions visées à l'alinéa premier du présent article sont les suivantes:

1° il est nécessaire et urgent que l`assistance demandée soit apportée pour réaliser les objectifs de l'Autorité visés à la présente loi;

2° l`assistance permettra ou aidera le bénéficiaire à s'acquitter de ses fonctions ;

3° l'Autorité est convaincue que l'autorité de régulation se trouvant en dehors du Rwanda protège les informations confidentielles et ce avec une sécurité appropriée.

Pour décider si les conditions requises sont remplies, l'Autorité doit s'assurer que cet autorité de régulation étrangère :

1° lui remboursera tous les coûts et dépenses encourus pour apporter cette aide;

2° sera capable et disposé à fournir une assistance réciproque dans sa compétence, en réponse à une demande comparable d'assistance formulée par l'Autorité;

3° cyarashyize umukono ku masezerano y'ubwumvikane ahuriweho n'ibihugu byinshi bihuriye mu Muryango mpuzamahanga wa komite zishinzwe isoko ry'imari n'imigabane.

**Ingingo ya 92: Amabwiriza, amategeko ngengamikorere n'amategeko ngenzuramyitwarire**

Ikigo gishobora gushyiraho amategeko ngengamikorere, amabwiriza cyangwa amategeko ngenzuramyitwarire cyangwa kikagaragaza ingamba gisanga zikwiye kugira ngo harusheho gusobanuka ibijyanye na:

1° intego zacyo zo kugenzura imyitwarire zivugwa muri iri tegeko;
2° inshingano izo ari zo zose z'Ikigo zivugwa muri iri tegeko;
3° uburyo ibiteganywa n'iri tegeko bishyirwa mu bikorwa.

Ikigo gishobora gutangaza amabwiriza, amategeko ngengamikorere n'amategeko ngenzuramyitwarire mu buryo gisanga bukwiye.

**Ingingo ya 93: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

3° is a signatory to the multilateral memorandum of understanding of the International Organization of Securities Commissions.

**Article 92: Guidelines, regulations, and codes**

The Authority may issue such regulations, guidelines or codes or indicate strategies as it considers appropriate for providing guidance in relation to:

1° its regulatory objectives referred to under this Law;
2° any of the functions of the Authority referred to under this Law;
3° the manner under which any provision of this Law is applied.

The Authority may publish guidelines, regulations and codes in such manner as it considers appropriate.

**Article 93: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

3° est signataire du protocole d'accord multilatéral de l`Organisation internationale des commissions de valeurs.

**Article 92: Directives, règlements et codes**

L`Autorité peut établir les règlements, les directives ou les codes, ou indiquer les stratégies qu`elle juge nécessaires pour fournir des orientations concernant :

1° ses objectifs de régulation visés à la présente loi;
2° toute fonction de l'Autorité visée à la présente loi;
3° la manière dont toutes les dispositions de la présente loi sont appliquées.

L'Autorité peut publier les directives, les règlements et les codes de la manière qui lui semble appropriée.

**Article 93: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 94:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 95:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 29/06/2017

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 94:</u> Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**<u>Article 95</u>: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 29/06/2017

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic of Rwanda:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 94:</u> Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 95</u>: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 29/06/2017

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MUREKEZI Anastase**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux